«Yesu Kristo ntahinduka, uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose» (Abaheburayo 13:8).

Urwandiko Mbwirwabose. Ukwakira 2013

Ndabashuhuje mwese ku isi mbivanye ku mutima, nkoresheje uyu murongo wo mu byanditswe:

«Ubwatsi buraraba, uburabyo bugahunguka, ariko Ijambo ry'Imana rihoraho iteka ryose (Yesaya 40: 8). *Kandi iri ni ryo Jambo ry'ubutumwa bwiza mwabwirijwe»* (1 Petero 1: 24-25).

Mu mugambi w'Imana wo gucungura Isirayeli n'itorero ryo mu muhanga, ikigambiriwe ni ugusohozwa kw'amasezerano yose, no guhuza mu buryo butunganye rwose ibyanditse byo mu Isezerano rya kera n'Irishya. Yosuwa yabashije guhamya ati: *«Nta jambo ryiza na rimwe mu yo Uwiteka yasezeranyije ubwoko bw'Abisirayeli ritashohoje icyo ryagenewe, ahubwo yose yarasohojwe»* (Yosuwa 21: 45). Mugihe cy' isozwa rya byose, natwe niko tuzavuga (Abaroma 8: 30).

Ukwizera nyakuri gushingira gusa ku masezerano y'Imana. Aburahamu yizeye ibyo Imana yamusezeranyije (Itangiriro 18), kugeza ubwo yabonye ugusohozwa kwabyo (Abaroma 4:17 ; Abagalatiya 3: 8). Ikitonderwa cyari iki : *«… kugira ngo ategeke abana be n'abo mu rugo rwe bazakurikiraho, gukomeza inzira y'Uwiteka, bakora ibyo gukiranuka baca imanza zitabera, kugira ngo Uwiteka abone gusohoreza Aburahamu ibyo yamusezeranije»* (Itangiriro 18: 19). Amasezerano ajyana no kwizera, kandi kumvira kuzana gusohozwa kwayo. Niba nta sezerano riri mu Ijambo ry'Imanaku kintu runaka, nta gusohozwa kw'icyo kintu gushobora kubabaho.

Twebwe abo Umwami yaburiye, buri muntu kugiti cye, akoresheje Ijambo n'Umwuka we, bityo tukaba twizera amasezerano yatanzwe kubw'igihe cyacu, ni twe tubwirwa aya magambo Imana yarahiriye Aburahamu mu Itangiriro 22: 15-19. *«Ubwo Imana yahaga Aburahamu isezerano, kuko ari nta we yajyaga kurahira uyiruta, ni cyo cyatumye yirahira ubwayo iti: Ni ukuri no kuguha umugisha nzaguha umugisha, kandi no kukugwiza nzakugwiza».* Imana yishingiye ubwayo gusohozwa kw'amasezerano. *«Ni cyo cyatumye, ubwo Imana yashakaga kurushaho kugaragariza abaragwa b'ibyasezerajijwe ko imigambi yayo idakuka, yongeyeho indahiro, kugira ngo kubw'ibintu bibiri bidahinduka, ibyo Imana itabasha kubeshyeramo, biduheshe ihumure rikomeye, twebwe abahawe ubuhungiro bumwe gusa, aribwo gusingira ibyiringiro byashyizwe imbere yacu».* (Abaheburayo 6: 13-18). Imana n'Inyakuri, yakomeresheje indahiro ukudakuka kw'inama yayo, bityo itumenyesha ku bw'iteka ryose ko ibera maso Ijambo ryose, kandi ko ariyo isohoza ibintu byose.

Ku bw'abizera, umugisha nyakuri ushingiye ku masezerano, ku kwizera no ku kumvira, nkuko byagenze kuri Aburahamu (Itangiriro 22) ; kandi umuntu adafite

kwizera no kumvira, ntashobora kunezeza Imana (Abaheburayo 11:6). *«Ubonye yuko kwizera, kwafatanije n'imirimo ye, kandi ko kwizera kwe kwatunganijwe rwose n'imirimo ye»* (Yakobo 2: 22). Ku bw'amasezerano ari mu Ijambo ry'Imana twizera, dufite umwihariko wo kugira umugabane kuri kamere y'Imana, kandi ibyo nibyo bituma dushobora kugararwamo, ku bw'imbaraga z'Imana, za ngeso nziza ndwi zirondorwa, kandi zikubiye mu rukundo rw'Imana (2 Petero 1: 3-11). Urukundo rutunganye nirwo rwonyine ruzinjira mu Ijuru (1 Abakorinto 13). *«Ndabaha itegeko rishya: mukundane nk'uko nabakunze, mube ari ko namwe mukundana»* (Yohana 13: 34). *«Ufite urukundo ntagirira mugenzi we nabi, ni cyo gituma urukundo ari rwo rusohoza amategeko»* (Abaroma 13:10).

Ku bw'abizera nyakuri, igikwiriye ni ukwizera nkuko Bibiliya ivuga, bihuje n'Ibyanditswe, ni ukubatizwa mu mazi nkuko Bibiliya ibivuga: kwibizwa rimwe mu mazi mu Izina rya Yesu Kristo, *«Nuko abemeye amagambo ye barabatizwa mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo»* (Ibyakozwe n'intumwa 2 : 38-39, Ibyakozwe n'intumwa 19:5-6), no kubatizwa n'Umwuka wera nkuko Bibiliya ibivuga. *«Kuko mu Mwuka umwe twese ari mo twabatirijwe kuba umubiri umwe, naho twaba Abayuda cyangwa Abagiriki, naho twaba imbata cyangwa ab'umudendezo, kandi twese twujujwe Umwuka umwe»* (Abakorinto 12:13). Uko niko byari bimeze mu itangiriro ry'Itorero, kandi niko bigomba kumera ku iherezo ryayo. Iyo twizeye amasezerano ari mu Ijambo ry'Imana, nibwo tubasha guhabwa by'ukuri ubugingo bwayo. Ubwo nibwo tuba turi abana b'isezerano (Abagalatiya 4:28).

Ibi ni nako bimera ku birebana no gushyirwaho ikimenyetso n'Umwuka wera wasezeranijwe (Abefeso 1:13), ari cyo kitonderwa ntarengwa kugira ngo imibiri yacu izacungurwe ubwo Kristo azagaruka. Pawulo yaranditse ati: *«Ariko niba Umwuka w'Iyazuye Yesu <u>aba muri mwe</u>, Iyazuye Kristo Yesu izazura n'imibiri yanyu ipfa ku bw'Umwuka wayo uba muri mwe»* (Abaroma 8:11).

Hari benshi babatijwe n'Umwuka, barasigwa, cyane cyane abo mu bubyutse bwa pentekosite, hatitaweho kubyo bizera, bigisha cyangwa bakora, kimwe n'abahanuzi n'abasizwe benshib'ibinyoma (Matayo 7:21-24; Matayo 24). Ku bizera nyakuri bashinzwe muri Kristo, bo ibi bintu byose birajyana: amasezerano, ugusigwa, n'ikimenyetso cy' Imana. *«…Ibyo Imana yasezeranije byose, muri we ni mo "Yee" iri. Ni cyo gituma ari we udutera kuvuga ngo "Amina", kugirango Imana ihimbarizwe nawe muri twe. <u>Kandi Imana idukomezanya namwe muri Kristo kandi yadusize' ni yo yadushyizeho ikimenyetso, iduha Umwuka wayo mu mitima yacu ho ingwate</u>»* (2 Abakorinto 1:20-22).

Intumwa Paulo yakomeje kuvuga kuri iyo ngingo ya ngombwa cyane, yerekana ko ikibwirizwa cy'Ijambo, Ijambo ry'ukuri, gihabanye n'inyigisho z'ibinyoma (2Timoteyo 2: 15-18). Hanyuma hakurikiraho ikiranga Itorero ry' ukuri: *«Nyamara urufatiro rukomeye rw'Imana ruracyahagaze, <u>rwanditsweho iki kimenyetso</u> ngo "Uwiteka azi abe", kandi ngo umuntu wese uvuga Izina ry'Uwiteka, yitandukanye n'ibidatunganye»* (Umurongo 19).

Itorero ry'Imana nzima ntabwo ari igicumbi cy'ibinyoma. Pawulo yanditse ibikurikira : *«…Kandi ibi mbikwandikiriye kugira ngo, nintinda, uzamenye ibikwiriye kugenzerezwa mu nzu y'Imana, <u>ari yo Torero ry'Imana ihoraho, ari na yo inking y'ukuri igushyigikiye</u>»* (1 Timoteyo 3:15).

Nubwo hari inyigisho nyinshi z'ibinyoma mu matorero n'amateraniro yitwa ya gikristo, Umwami we arimo kubaka Itorero rye rikomeza kuba ikingi y'ukuri, kandi rigushyigikiye, kandi ririho ikimenyetso cy'Imana. Ni byo, Umwami azi abe, kandi n'abe baramuzi. Na n'uyu munsi aya magambo yavuzwe n'Umwami aracyafite agaciro: *«Nzubaka Itorero ryanjye…»*

Imvura y'Umwuka igwira abambaye umubiri bose (Abaheburayo 6: 7-8). Ariko ingaruka iterwa n'ubwoko bw'imbuto yabibwe. *«Urubyaro rwe ruzamukorera…»* (Zaburi 22: 31). Mwene Data Branham yaravuze ati: ***«Umuntu ashobora kubatizwa n'Umwuka wera mu ruziga rwa kabiri, ari rwo rw'umwuka we, ndetse akagaragaza impano z'Umwuka, kandi atarigeze avuka ubwa kabiri mu bugingo bwe »***. *«Umuntu wese wabyawe n'Imana ntakora icyaha kuko imbuto yayo iguma muri we, kandi ntabasha gukora icyaha kuko yabyawe n'Imana»* (1Yohana 3:9). Ni yo mpamvu ikigomba kwitonderwa cyane ku birebana no gushyirwaho ikimenyetso cy'Umwuka ari imbuto y'Ijambo. *«Imbuto ni Ijambo ry'Imana»* (Luka 8: 11). Gushyirwaho ikimenyetso n'Umwuka w'Imana ariwo Mwuka w'ukuri (Yohana 15: 26), bishoboka gusa nyuma y'uko twemeye kwakira Ijambo ry'ukuri, tukaryizera, ndetse tukanarihishurirwa. *«Ni we namwe mwizeye, mumaze kumva ijambo ry'ukuri, ari ryo butumwa bwiza bw'agakiza kanyu ; kandi mumaze kwizera, ni we wabashyizeho ikimenyetso cy'Umwuka wera mwasezeranijwe»* (Abefeso 1:13). Umuntu ntashobora gushyirwaho ikimenyetso cy'Umwuka w'Imana mu gihe imbuto mbi y'insobanuro z'abantu, ari yo yabibwe muri we; cyangwa se mu gihe yaba yizera inyisho z'ibinyoma. Uguhishurirwa Ijambo n'Imana ni cyo cyonyine kizashyirwaho ikimenyetso mu mitima y'abigishwa nyakuri : *«Bumba Ibihamya, Uguhishurirwa ugufatanishe ikimenyetso mu bigishwa banjye»* (Yesaya 8:16). Inyigisho idafite gihamya muri Bibiliya, ntishobora kwitirirwa Bibiliya. Ashingiye ku bubasha yahawe n'Imana, intumwa Yohana yanditse ko ari nta kinyoma gikomoka mu kuri (1 Yohana 2:21). Uhereye mu ngobyi ya Edeni, ikinyoma ni ukugorekaukuri gukomoka kuri Satani. Imana yonyine ni yo Nyakuri, kandi iri mu Ijambo ryayo gusa, naho umuntu wese ni umunyabinyoma (Abaroma 3:4).

Yohana yanditse ku bijyanye n'isezerano ryo kugaruka kwa Kristo: *«Na none bana bato, mugume muri we, kugira ngo ubwo azerekanwa tuzagire gutinyuka, kandi twe kuzakorwa n'isoni tubebera imbere ye ubwo azaza»* (1 Yohana 2:28).

Nk'uwatumwe n'Umwami, intumwa yarashe ku ntego nta kudohora, yandika ibikurikira : *«Bakundwa, ntimwizere imyuka yose ahubwo mugerageze imyuka kugirango mumenye niba yaravuye ku Mana, kuko abahanuzi b'ibinyoma benshi badutse bakaza mu isi»*. Hanyuma akubira muri aya magambo abizeye ubuhamya bwe bose ati: *«Bana bato, muri ab'Imana kandi ba bandi mwarabanesheje, kuko uri muri mwe aruta uri mu b'isi»*. Ku byerekeye ibibwirizwa, intumwa yagize iti: «*Ariko twebweho turi ab'Imana kandi uzi Imana aratwumvira, naho utari uw'Imana ntatwumvira. Icyo ni cyo kitumenyesha umwuka w'ukuri n'umwuka uyobya uwo ari wo»* (1 Yohana 4:1-6). Iyi mvugo irumvikana, ntabwo ari ukwishyira hejuru kw'umuntu; ahubwo ni agahigo k'Imana gahizwe n'intumwa yayo. Aya magambo ashobora gusubirwamo n'uyu munsi, akoreshejwe n'umukozi wese ufite umuhamagaro w'Imana umuhamagaro:

Uwo Imana yatumye wese, nta kindi ashobora kubwiriza cyangwa kwigisha uretse Ijambo ry'Imana ryonyine, kandi abavuka ubwa kabiri bose babyawe n'Imbuto-Jambo, n'Umwuka bumvira Ijambo ry'Imana.

Uku niko Umwami wacu avuga: *«Uw'Imana yumva amagambo y'Imana, mwebwe igituma mutumva ni uko mutari ab'Imana»* (Yohana 8:47). Uko niko byari bimeze mu gihe cya kera, kandi ni na ko bimeze uyu munsi. Uhereye kera, hakomeje kugaragara ibice bibiri: bamwe baremeraga, abandi bakanga.

Ubu buhamya bwa Yohana, ni bumwe no kuri Pawulo, no kuri mwene Data Branham; ab'Imana bonyine nibo bashoboye kumva, baremera, barizera. Ibi bifite agaciro kuri jye, no kuri abo bose bagize Itorero-Mugeni bo mu gihe cyacu. Ibi bintu byombi birajyana iteka: ubiba Imbuto nziza niwe ubanza, hanyuma ubiba Imbuto mbi agaheruka (Matayo 13: 24-41). Ibi byombi biriho: Ijambo ry'Imana, n'insobanuro z'abantu; Umwuka w'Ukuri, n'umwuka uyobya. Ariko, nta mu isoko imwe ntihazigera havamo amazi meza n'amazi arura; kandi ntibishoboka ko igihuru cy'ibitovu cyera imbu z'umutini (Yakobo 3: 11- 12). Ntagushidikanya: Iyo Imana itumye umuntu, Iba izi neza ko azabwiriza Ijambo ryayo, ari ryo rihoraho iteka ryose, nk'uko Petero abihamya (1 Petero 1:25). Umuntu wese wanga kumvira Ukuri kw'Ijambo no kuriha agaciro rikwiriye, , acirwaho iteka ryo kwakira imbaraga z'ubuyobe, no gusigwa n'umwuka w'ikinyoma (2 Abatesalonike 2: 10-12).

Pawulo yanditse abwira abizera nyakuri ati: *«Ariko Bene Data bakundwa b'Umwami wacu, dukwiriye kubashimira Imana iteka kuko uhereye mbere na mbere, Imana yabatoranirije agakiza, gaheshwa no kwezwa kuva ku Mwuka no kwizera ukuri »* (2 Abatesalonike 2: 13). Ibi ni byo bigaragaza ukugenwa nyakuri kw'abagize Itorero – Mugeni: Aribo bacunguwe n'amaraso y'Umwana w'Intama w'Imana (Abefeso 1: 7), kandi bejejwe n'Ijambo ry'ukuri (Yohana 17:17). Uri mu Ijambo niwe wenyine ushobora kuba mu bushake bw'Imana. «Bibe uko ushaka !» *«... Uko gushaka kw'Imana ni ko kwatumye twezwa, tubiheshejwe n'igitambo cy'umubiri wa Yesu Kristo rimwe gusa ngo bibe bihagije iteka»* (Abaheburayo 10:10).

«Nzagaruka mbajyane iwanjye ngo aho ndi namwe muzabeyo» (Yoh.14:1-3)

Ukugaruka kwa Kristo n'ibizaba byose icyo gihe, turabirondorerwa mu byanditswe byinshi byo muri Bibiliya. Niyo yari ngingo nyamukuru y'Intumwa, ndetse n'iya mwene Data Branham, kandi natwe iyo ingingo twanditseho inshuro nyinshi. Ikibabaje ariko ni uko abiyita ko ari "Ababwiriza b'ubutumwa" bakuye interuro zimwe na zimwe za mwene Data Branham mu mwanya wazo, nk'izo mu kibwirizwa kiswe "Ukuzamurwa", ntibazihuza neza n'ibyanditswe byo muri Bibiliya bijyanye nazo. Ibyo byazanye urujijo rukomeye mu "butumwa". Bituma mu mirwa itandukanye hatangijwe udutsiko dutandukanye dushingiye kuri izo nyigisho zihariye zidahuje na Bibiliya. Nyamara, inyigisho yose idashingiye ku byanditswe biyivugaho, iba ari inyigisho y'ibinyoma.

Imana mu by'ukuri iri mu ijambo ryayo gusa, ntabwo iba mu nsobanuro n'imwe. Aho niho umwanzi yihishe, wa umushukanyi, ukoresha buryarya ku bw'umwuka w'ubushukanyi.

Mmuhanuzi yashimangiye inshuro zirenga ijana mu bibwirizwa bye, ko Satani yongereye ijambo rimwe gusa ku byo Imana yari yabwiye Adamu muri Paradizo. Uko niko yabashije kubiba muri Eva ugushidikanya ku byo Imana yari yavuze, kugira ngo amujyane mu cyaha cyo kutizera, hanyuma amushore mu cyaha cy'inkomoko, mu mwuka no mu umubiri. Pawulo yari afite ubwoba ko Satani yagera aho ayobya atyo na none abizera badohoka ku Ijambo ry'Imana (2 Abikorinto 11). Uko biri kose intore zo ntizishobora kuyobywa, kuko zagenwe cyera (Abaroma 8: 38-39). Umuntu wese uri mu bagize Itorero-Mugeni rya Yesu Kristo, yizera buri Jambo ry'Imana nkuko ryanditswe ntacyo yongeyeho, ntacyo agabanijeho, ntacyo ahinduyeho (Ibyahishuwe 22: 16-21).

Uburyo bizasohora nta gushidikanya

Ni ngombwa ko tuguma kur'iyi ngingo, uko byanditswe, ndetse n'uko bizasohora, dushingiye ku byanditswe muri 1 Abatesalonike 4: 13-18. Icyambere, abavugwa hano ni abapfiriye muri Kristo: *«Ariko bene Data, ntidushaka ko mutamenya iby'abasinziriye, mutababara nka ba bandi badafite ibyiringiro. Niba twizera yuko Yesu yapfuye akazuka, abe ari ko twizera yuko Imana izagarurana na Yesu abasinziriye muri we»*.

Kugira ngo bose babifate nk'ihame, intumwa yanditse ibikurikira: *«Iki ni cyo tubabwira tukibwirijwe n' ijambo ry'Umwami wacu yuko twebwe abazaba bakiriho, basigaye kugeza ku kuza k'Umwami, tutazabanziriza na hato abasinziriye. **Kuko Umwami ubwe** azaza amanutse ava mu ijuru arangurure ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya **marayika ukomeye, n'impanda y'Imana**, nuko abapfiriye muri Kristo nibo bazabanza kuzuka. Maze natwe abazaba bakiriho basigaye, duhereko tujyananwe hamwe na bo, tuzamuwe mu bicu gusanganirira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose»*. Mu by'ukuri igihe cyo kugaruka kwe, ntabwo Umwami azagera ku isi, ahubwo tuzamusanganira mu bicu, kugira ngo tuzamukane nawe, tujyane mu birori by'ubukwe bw'Umwana w'intama (Ibyahishuwe 19:7).

Bigaragara neza ko Bibiliya ivuga Marayika ukomeye umwe gusa, ariwe Mikayeli, ari na we uvugwa nk'umutware ukomeye, nk'umutabazi (Dan. 10: 13-14+21).

Muri Danyeli 12: 1, handitswe ibirebana na Isirayeli mu buryo bukurikira: *«Maze icyo gihe Mikayeli, wa mutware ukomeye ujya ahagarikira abantu bawe, azahaguruka…».*

Mu rwandiko rwa Yuda naho, ku murongo wa 9, handitswe ibikurikira: *«Nyamara Mikayeli ari we marayika ukomeye, ubwo yatonganaga na Satani ajya impaka na we ku bw'intumbi ya Mose, ntiyahangaye kumucira urubanza amuvuma, ahubwo yaramubwiye ati "Umwami Imana aguhane !"».*

Mu byahishuwe 12, havugwa Mikayeli marayika ukomeye, kubirabana n'umunsi ukomeye wa kuzamurwa. Icya mbere kivugwamo ni umukumbi w'abanesheje witwa "Umwana w'umuhungu" (muri Bibiliya yasemuwe na Darby), bazazamurwa, bakajyanwa ku Mana no ku ntebe yayo. Umukwe nawe azajyana umugeni wanesheje, abisikane n'imbaraga zose z'umwanzi zaneshejwe ziri ahantu ho mu kirere (Abefeso 6:12). Mu gihe cyo kuzamurwa hazaba intambara mu kirere: Mikayeli n'abamarayika be bazarwanya cya kiyoka. Hanyuma Mikayeli ahananture wa murezi wa bene Data n'abamarayika be ku isi. Umukumbi w'abanesheje uzazamurwa, hanyuma Satanti ahantanturwe hasi. *«Cya kiyoka kinini kiracibwa, ari cyo ya nzoka ya cyera yitwa "Umwanzi na Satani", ari cyo kiyobya abari mu isi bose. Nuko kijugunywa mu isi, abamarayika bacyo bajugunyanwa na cyo»* (Umurongo wa 9). Icyo gihe nibwo kurega bene Data kuzahakarikwa, bazaba baragejejwe ku gutungana kose ku bw'Amaraso, Ijambo, n'Umwuka. *«…kuko Umurezi wa bene Data ajugunywe hasi, wahoraga abarega ku manywa na nijoro imbere y'Imana yacu. Na bo bamunesheshe amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwabo, ntibakunda amagara yabo, ntibanga no gupfa»* (Imirongo ya 10-11).

Inyigisho ivuga ko Umwana w'intama yaba yaramaze kuva ku ntebe y'imbabazi mu mwaka wa 1963, ubwo mwene Data Branham yabwirizaga ku kumenwa kw'ibimenyetso birindwi, ngo "akaba amanuka mu butumwa" ni ikinyoma. Iyi ni imyumvire mibi iteye ubwoba, Ntabwo Umwana w'intama yari ku ntebe, ahubwo yari hagati y'intebe, na ba bakuru 24: *«Nuko mbona hagati ya ya ntebe, na bya bizima bine, no hagati ya ba bakuru, Umwana w'intama usa n'uwatambwe…»* (Ibyahishuwe 5: 6). Ku ntebe hari hicaye uhoraho iteka ryose, nuko Umwana w'intama aragenda yenda igitabo cyari mu kiganza cye cy'iburyo (Umurongo 7). Uko niko Yohana yabibonye ari mu kirwa cya Patimosi, hashize imyaka ibihumbi bibiri. Kugeza ku musozo, amaraso y'isezerano rishya azaguma ku ntebe y'imbabazi, n'Isanduku y'isezerano igume ahera cyane ho mu ijuru (Kuva25: 17-22, Abelewi 16). Aho niho nk'umutambyi mukuru, n'Umuhuza w' Isezerano rishya, umucunguzi wacu yatangiye amaraso ye (Abaheburayo 9: 5-15); aho niho azaguma kugeza ubwo inama yose y'agakiza k'Imana izasohorezwa mu bizera bose. Nyuma yo kuzamurwa kw'itorero n'igihe cyo kubabazwa gukomeye, hariho abandi abizera bazamesera ibishura byabo mu maraso y'Umwana w'intama (Ibyahishuwe 7: 9-17).

Hahirwa uwizera nkuko ibyanditswe bivuga!

Ese ni hehe hakiri imyumvire itariyo cyangwa insobanuro bwite ku birebana na 1 Abatesalonike 4? Tubwirwa mu buryo bweruye ko Umwami ubwe azamanuka, aherekejwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'ijwi ry'impanda y'Imana,ubwo ni bwo azarangurura n'ijwi ritegeka agambiriye gukangura abapfuye. Ubwo yazamukaga ava kw'isi, abamarayika babiri batangaje ibikurikira: *«Yesu ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza atyo nk'uko mumubonye ajya mu ijuru …»* (Ibyakozwe 1:11), no muri Zaburi 47:6 handitswe ibikurikira: *«Imana*

izamukanye impundu, Uwiteka azamukanye ijwi ry'impanda». Uko niko rwose Umwami azagaruka.

Igihe azagaruka mu bwiza bwe, ikizumvikana ni ijwi ritegeka ry'UMWAMI wanesheje urupfu, we wavuze igihe yazuraga Lazaro ati: *«Ni jye kuzuka n'ubugingo…»*, kandi yabwiye Yohana mu kirwa cya Patimosi ati: *« Witinya! Ndi uwa mbere, kandi Ndi uw'imperuka, kandi Ndi uhoraho. Icyakora nari narapfuye ariko none dore mporaho iteka ryose, kandi mfite imfunguzo z'urupfu n'iz'ikuzimu »* (Ibyahishuwe 1: 17-18). Mu gihe Kristo azagaruka, abapfiriye muri Kristo bazabanza bazuke, hanyuma abazaba bakiriho muri We, bahindurwe, bose hamwe bazamurwe ku bicu, bajyanwe gusanganira Umwami. Amen! Ibi ni UKU NIKO UMWAMI AVUGA !

Icyo gihe ni bwo ibyanditswe muri Bibiliya bikurikira bizasohora:

«Kuko nk'uko umurabyo urabiriza iburasirazuba ukabonekera aho rirengera, niko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba kumeze » (Matayo 24:27). *«Icyo gihe abagabo babiri bazaba bari mu murima, umwe azajyanwa undi asigare»* (Matayo 24:40).

«Nk'uko umurabyo urabiriza mu ruhande rumwe rw'ijuru, ukarabagiranira mu rundi, uko ni ko Umwana w'umuntu azaba ameze ku munsi we » (Luka 17:24). *« Ndababwira yuko muri iryo joro, ababiri bazaba baryamye ku buriri bumwe, umwe azajyanwa, undi agasigare »* (Luka 17:34).

«Ariko niba Umwuka w'iyazuye Yesu aba muri mwe, iyazuye Kristo Yesu izazura n'imibiri yanyu ipfa ku bw'Umwuka wayo uba muri mwe» (Abaroma 8:11).

«…Icyakora icyo tuzi ni uko Yesu niyerekanwa, tuzasa na we kuko tuzamureba uko ari» (1 Yohana 3:2).

Mbega umunsi utagira uko usa!

Ukugaruka kwa Kristo, abizera bose bategereje kuva igihe yagiriye mu ijuru, kuzaba umunsi ukomeye cyane gusumba indi mu mateka y'agakiza, kuko *«… Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose »* (1Abatesalonike 4: 17). Enoki yarazamuwe- ibyo byabaye impamo - *« Ntiyasubira kuboneka…»* (Abaheburayo 11:5). Umuntu wese ufata ko kugaruka kwa Kristo ari uko mu mwuka, cyangwa akizera ko kuzamurwa ari uguhishurirwa umuntu ahindurirwamo mu buryo bw'umwuka ko bitazabaho nk'impamo, uwo muntu ntabwo ari umunyago w'ibinyoma by'ubupfu gusa: ahubwo ababwiriza nkabo b'ibinyoma nibo bavugwa n'ijambo rikurikira: *« Kuko abayobya benshi badutse bakaza mu isi, batemera Yesu Kristo uza afite umubiri: Uvuga atyo ni we uyobya kandi ni we Antikristo »* (2 Yohana: 7 - Darby).

Abāri b'abanyabwenge, batemera gushukwa nibo basohorerwaho ibyo Petero yavugaga ati: *« Burya ntitwakurikije imigani yahimbwe n'ubwenge, ubwo twabamenyeshaga imbaraga z'Umwami wacu Yesu Kristo no kuzaza kwe, ahubwo twiboneye n'amaso yacu icyubahiro cye gikomeye »*
(2 Petero1:16).

William Branham yari afite inshingano yo kugeza ku Itorero Ubutumwa bwanyuma burihamagarira gusohoka no kwitegura. Niyo mpamvu byari ngombwa ko ashimangira ibyanditswe muri Matayo 25: *« Iki nicyo gihe cyo gutunganya amatabaza yanyu no kuzuza amavuta mu mperezo! »*. Yavuze inshuro mirongo itatu n'esheshatu iby'imvura y'umuhindo n'iy'itumba. Tariki ya 21 ukwezi kwa mbere 1961, afite gihamya ikomeye muri we, kimwe na Petero ku munsi wa Pentekoste, yasubiyemo isezerano ryo muri Yoweli 2, ndetse no mu isengesho: **« Nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose! Warabisezeranije. Wavuze ko mu minsi ya nyuma imvura y'umuhindo n'iy'itumba bizagwira icyarimwe » ».** Ibyo ni byo Yakobo yanditse hashize imyaka ibihumbi bibiri: *« Nuko bene Data, mwihangane mugeze aho Umwami Yesu azazira. Dore umuhinzi ategereza imyaka y'igiciro y'ubutaka, akayirindira yihanganye kugeza aho azabonera imvura y'umuhindo n'iy'itumba »* (Yakobo 5:7). Hanyuma hakurikiraho urugero rwa Yobu, uwo Imana yashumbushije ibikubye inshuro ebyeri ibyo yatakaje (Yobu 42). Uko niko bizamera ku Itorero ryuzuwe Umwuka wera.

Mu kibwirizwa yise "Ukuzamurwa", mwene Data Branham nawe yavuze ibintu bitoroshye gusobanukirwa.Uko biri kose, ufite kamere y'ikinyoma mu mutima, ni we uzumva ibintu uko bitavuzwe, nkuko byangenze ku byo Pawuro yavuze, nk'uko Petero abihamya (2 Petero 3: 16-17). Ntabwo umuntu akwiriye gusoma, cyangwa kumva interuro imwe gusa, ahubwo agomba gukomeza gusoma no kumva ibikurikiyeho, kugezaho iyo nteruro iruhije isobanuka ikabonerana nk'ikirahuri. Umuntu wese ugarura mu byandistwe ibyo Intumwa y'igisekuruza yavuze byose, afite ndakuka y'Ijambo ritibeshya, ari ryo rihoraho iteka ryose. Uwo yubaha imirongo yose yo muri Bibiliya ivuga ku ngingo runaka, harimo n'ibyanditswe mu 1 Abikorinto 15, uhereye ku murongo wa 51, kugeza ku iherezo ry'icyo gice.

« Dore mbamenere ibanga: ntituzansinzira twese, ahubwo twese tuzahindurwa, mu kanya gato, ndetse mu kanya nk'ako guhumbya, ubwo impanda y'imperuka izavuga. Impanda izavuga koko, <u>abapfuye bazurwe ubutazongera kubora, natwe duhindurwe</u>…». Ubwo ni bwo uyu mubiri upfa uzambikwa kudapfa; ubwo ni bwo urupfu ruzamirwa no kunesha kw'Umukiza wabambwe akazuka. *« Ariko uyu mubiri ubora numara kwambikwa kutabora, n'uyu mubiri upfa ukambikwa kudapfa, ni bwo hazasohora rya jambo ryanditswe ngo: Urupfu rumizwe no kunesha »* (Umurongo wa 54).

Igihe cyo kwihishura kw'Umwana w'umuntu n'igihe cyo kuza kwe

Mwene Data Branham yavuze inshuro zirenga ijana amagambo yanditswe muri Luka 17: 30: *« Ni na ko bizamera umunsi Umwana w'umuntu azahishurwa» (Darby)*. Tugomba kwitondera aya magambo yombi: *«Igihe cyo kwihishura kwe»* na *« Igihe cyo kuza kwe»* . Mu gihe cyacu, Umwana w'umuntu yarihishuye nkuko yabigenje kera, mu gihe yagenderaga ku isi. Yamanukiye mu nkingi y'umuriro nk'uko byagenze mu gihe cya Mose; ibyo byashyikiye mwene Data Branham mu materaniro arenga igihumbi.

Nyamara ibi ntabwo byari ukugaruka kwe, ahubwo byari gihamya cy'ukugaragara indengakamere kwe mu materaniro. Ku itariki ya 28 ukwezi kwa karindwi 1962, mwene Data Branham yagize ati: «**Ndaminginze, ni mwitondere aya magambo abiri, mbere yuko ntandukana namwe. Ukwihishura kwa Kristo no Kugaruka kwe ni ibintu bibiri bitandukanye. Ubu Kristo arimo kwihishura mu mwuzuro w'imbaraga ze. Naho ukugaruka kwe kuzaba nyuma.**»

Ubutumwa bw'igihe mu gihe cyacu, bwagenewe kubanziriza ukugaruka kwa Kristo. Mu kwezi kwa gatandatu 2013, hazaba hashize imyaka 80, uhereye igihe Ijambo ry'Imana, « UKU NIKO UWITEKA AVUZE », yasohokeye ikavuga iti: **« Nkuko Yohana Mubatiza yatumwe kugira ngo abe integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, niko nawe uhawe ubutumwa buzabanziriza ukuza kwa kabiri kwa Kristo ! »** Tariki ya 10 ukwezi kwa kabiri 1960, mwene Data Branham yaravuze ati: **« Si jye nteguza, ahubwo ubu Butumwa nibwo buzaba integuza. »** Tariki 15 ukwezi kwa mbere 1963, nabwo yagize ati: **« Ubu igihe kirageze, hari ikintu kigiye kuba. Ubutumwa buzajya mu kindi gihugu, mu rindi hanga. Ndibwira ko Itorero ryo muri America risa nk'aho ryamaze guhamagarwa.»** I Dallas, muri Texas, mwene Data Branham amaze kumbwira, tariki 12 z'ukwezi kwa gatandatu 1958, ati: **«Mwene Data Frank, uzasubirana mu Budage n'ubu Butumwa!»,** nka nyuma y'isaha imwe agitangira ikibwirizwa cye, yaravuze ati: **«Hashize akanya gato, hari umugabo umwe wo mu Budage wampobeye.. ».** Ku itariki ya 18 z'ukwezi kwa mbere1963 nabwo yaravuze ati: **«Birashoboka ko igihe cyanjye cyo gutaha kigeze. Byose birasa nkaho ariho biganisha. Niba ariko bimeze, noneho hariho undi muntu uzaza hanyuma yanjye, akomeze kubwiriza ubu butumwa. Azaba ri umuntu wihariye. Ariko azaza, kandi azakomeza kubwiriza ubu Butumwa ».** Tariki ya 3 z'ukwezi kwa 12 1962, na none mwene Data Branham yarambwiye ati: **« Ibyo kugabura ibyo kurya, ba uretse, tegereza kugeza ubwo uzakirira n'ibisigaye. Mwene Data Frank, Umwami yaguhamagariye kubwiriza Ijambo rye…».**Nyuma yaho Umwami yishubije Intumwa yayo, nakomeje kubwiriza Ubutumwa bw'igihe kugeza ku impera z'isi, nkuko nahawe umurimo wo kubikora.

Nta gishya, *kuko impano z'Imana no guhamagara kwayo bitavuguruzwa* (Abaroma 11: 29).

Mu Isezerano rya kera, Imana yavugiraga kandi yakoreraga mu bagaragu bayo aribo bahanuzi. Mu Isezerano rishya, Yahishuriye umugambi wayo intumwa zayo zera n'abahanuzi (Abefeso 3:5). Nk'abahanuzi, babonaga imigambi y'Imana biciye mw'iyerekwa; nk'abagaragu, bakoraga ibyo Imana yabaga yabategetse. Ibyanditswe ntibuhinduka: *« Ni ukuri Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora itabanje guhishurira abagaragu bayo b'abahanuzi ibihishwe byayo »* (Amosi 3:7).

Mu isezerano rishya, ku murongo wa mbere w'urwandiko rwe rwa mbere, Pawulo, yivuga ko ari umugaragu n'intumwa: *« Pawulo imbata ya Yesu Kristo, wahamagariwe kuba intumwa, kandi watoranirijwe kubwiriza ubutumwa bwiza*

bw'Imana, ubwo yasezeranije kera mu kanwa k'abahanuzi bayo mu byanditswe byera » (Abaroma 1: 1-12).

Yakobo we yivuze muri aya magambo: *« Yakobo, imbata y'Imana n'Umwami Yesu Kristo, ndabandikiye, mwebwe abo mu miryango cumi n'ibiri yatatanye, ndabatashya»* (Yakobo 1:1).

Petero nawe yivuga mu buryo bukurikira: *« Simoni Petero, imbata ya Yesu Kristo n'intumwa ye, ndabandikiye mwebwe abagabanye kwizera kw'igiciro cyinshi guhwanye n'ukwacu, muguheshejwe no gukiranuka kw'Imana yacu n'Umucunguzi Yesu Kristo…»* (2 Petero 1: 1).

Intumwa Yohana yahawe guhishurirwa nk'umugaragu, kugira ngo binyuze kuri we, n'abandi bagaragu bose bahabwe uko guhishurirwa kumwe: *« Ibyahishuwe bya Yesu Kristo, ibyo Imana yamuhereye kugira ngo yereke imbata ze ibikwiriye kuzabaho vuba, agatuma marayika we kubimenyesha imbata ye Yohana »* (Ibyahishuwe 1:1).

Ibyo bihamirizwa na none mu gice cya nyuma: *« Nuko arambwira ati: Ayo magambo ni ayo kwizerwa kandi n'ay'ukuri ; Umwami Imana itegeka imyuka y'abahanuzi yatumye marayika wayo kwereka imbata zayo ibikwiriye kubaho vuba. Kandi dore ndaza vuba. Hahirwa uwitondera amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo!»* (Ibyahishuwe 22: 6-7).

Ku birebana n'ubukozi, Umwami n'Umukiza wacu na we yagombye kuba umugaragu: *«Dore umugaragu wanjye nzashyigikira, uwo natorajije umutima wanjye ukamwishimira. Namushyizeho umwuka wanjye, azabwiriza abanyamahanga gukiranuka. Ntazatongana, ntazasakuza kandi ntazumvikanisha ijwi rye mu mayira»* (Yesaya 42: 1-2).

Muri Matayo 12: 18-21, dufitemo ugusohozwa kwabyo: *« Dore Umugaragu wanjye nkuda natoranyije, Umutima wanjye ukamwishimira…, Urubingo rusadutse ntazaruvuna, kandi n'urumuri rucumba ntazaruzimya, kugeza ubwo azaneshesha gukiranuka kwe…»* **Intsinzi! Amen!**

« Azabona ibitubrutse mu bise by'ubugingo bwe bimwishimishe, bimuhaze. Kubw'ubumenyi bwe, Umugaragu wanjye ukiranuka azatuma benshi baheshwa gukiranuka» (Yesaya 53:11).

Umwami wacu yahindutse umugaragu, kugira ngo abone uko asohoze kubwo kumvira umurimo ukomeye w'ubucunguzi. *«..Yicisha mugufi araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba »* (Abafilipi 2: 8).

Petero yari intumwa bishingiye ku muhamagaro we, kandi yari umugaragu kubwo gusohoza umurimo Imana yamushinze.

Niko byari bimeze no ku ntumwa Yohana na Yakobo: bari intumwa kubw'umuhamagaro n'inshingano bahawe, bakaba n'abagaragu ba Kristo kubwo gusohoza umurimo bashinzwe. Umwami yaravuze ati : *« Dore ndabatumye…»* (Matayo 10:16). *«…Nk'uko Data yantumye, nanjye ndabatumye »* (Yohana 20:21). Imana yashyizeho Intumwa, Abahanuzi, Abigisha, Abavugabutumwa, n'Abungeri kubwo kwubaka Itorero ryayo.

Intumwa n' Abahanuzi bahamagarwaga umuhamagaro utaziguye. Hatabaye umuhamagaro nk'uwo, nta muntu ushobora kuvuga ko afite inshingano yahawe.

Pawulo yashoboye gutanga ubu buhamya: *«Nuko nkigenda…nko ku manywa y'ihangu, mbona umucyo mwinshi uvuye mu ijuru untunguye, urangota…»* (Ibyakozwe 22:6). Umuhamagaro ukurikirwa igihe cyose n'ubugingo buyoborwa n'Imana: *« Aravuga ati: Imana ya ba sogokuruza yagutoranirije kera kumenya ibyo ishaka, no kubona wa Mukiranutsi, no kumva amagambo ava mu kanwa ke…Genda, kuko nzagutuma kure mu banyamahanga…»* (Ibyakozwe 22: 14+21)

Buri mugaragu w'Imana yari azi icyo yagombaga gukora. Yohana-Mubatiza yabashije kuvuga ati: *« Icyakora Uwo sinari muzi, kereste yuko Iyantumye kubatirisha amazi yambwiye iti: Uwo uzabona Umwaka amanukira, akagwa kuri we, uwo ni we ubatirisha Umwuka Wera »* (Yohana 1: 33).

Mwene Data Branham, yashoboraga gusubiramo neza ibyo yabwiwe tariki 11 z'ukwezi kwa gatandatu 1933, n'ibyo intumwa yo mu ijuru yamubwiye tariki 7 z'ukwezi kwa gatanu 1946: **« Witinya, nagutumweho mvuye imbere yo mu maso h'Imana…».** Uko biri kose, nk'Itorero ry'Imana, ese byatumarira iki uyu munsi kuba tuzi ibyo Umwami yakoze mu bihe byashize, tukanamenya inshingano yashatse guhuza n'imihamagaro itandukanye, kugeza ku murimo wa mwene Data Branham, turamutse tudafite umugabane mu byo Imana irimo gukora ubu ngubu.

Ibyo bijyanye n'inshingano ikomeye

Nta mugaragu w'Imana n'umwe wihamiriza ubwe, ahubwo bose bahamiriza ibyo Umwami yavuze, n'ibyo yakoze. Nanjye nahamagawe n'Umwami inshuro nyinshi akoresheje ijambo "**Mugaragu wanjye"** – Ubwa mbere byabaye hari ku itariki ya 2 z'ukwezi kwa kane 1962 : **« Mugaragu wanjye, igihe cyawe muri uyu murwa kigiye kurangira. Nzagutuma mu yindi mirwa kubwirizayo Ijambo ryanje…».** Ibi ni ukuri nk'uko Imana ari nzima, kandi ni byo nakoze muri iyi myaka mirongo itanu ishize, nshingiye ku muhamagaro utaziguye nahamagawe, n'ubushake bw'Imana. Ntawe utazi kandi ko Umwami yambwiye ati: **« Mugaragu wanjye, hunika ibyo kurya n'impamba, kuko hagiye kuza inzara ikomeye …, noneho uzahagarara hagati y'ubwoko bwanjye, ubugaburire ibyokurya…». « Mugaragu wanjye, nagushyize mu murimo bishingiye ku byanditswe muri Matayo 24: 45-47, kugira ngo ugabure ibyokurya…».** Ni nayo mpamvu Ijambo ry'Umwami wacu ubu ari bwo rigomba gusohora, iryo ubwe ati: **«** mugaragu »: *«Mbese ni nde mugaragu ukiranuka w'ubwenge, shebuja yasigiye abo mu rugo rwe kugira ngo abagerere igerero igihe cyaryo?* ». Umwami yarazi neza igihe ibyo bizasohorera.

Ikivugwa hano ni umugaragu w'ubwenge, washyizweho n'Umwami; ni ko byanditswe, kandi ni ko Umwami ubwe yabyivugiye. Niryo tegeko rya none; kugaburira abandi bagaragu bose ibyo kurya by'umwuka, kugira ngo nabo bagire umugabane muri iryo kwirakwizwa ry'ibyokurya. Ibyo nanyo bikubiye mu mugambi w'agakiza k'Imana tugandukira twese.

Ni koko, mwene Data Branham yahunitse ibyokurya mu kigega, nkuko Umwami yabimutegetse. Ntabwo byari ibyo gutomboza, igihe ku itariki ya 1 z'ukwezi kwa Kane 1962, avuga ko Umwami yamutegetse kureka urugendo rwo kujya mu Busuwisi, ahubwo ko agomba guhunika ibyokurya. Ntabwo byari ibyo

gutomboza, ubwo nanjye ku itariki ya 2 z'ukwezi kwa kane 1962, Umwami yantegekaga guhunika ibyokurya. Ntabwo byari ibyo gutomboza, ubwo ku itariki ya 3 z'ukwezi kwa cumi na kabiri 1962, Umuhanuzi ambwirira imbere y'abahamya babiri ati: **«Mwene Data Frank, ibyokurya ugomba guhunika, ni Ijambo ryasezeranijwe ryo muri iki gihe. Ibyo byokurya biri mu bibwirizwa byashyizwe ku mfata majwi (kasete), ariko utegereze ubanze ushyikirizwe ibindi byokurya bisigaye, mbere y'uko utangira kugabura».** Nta n'ubwo ari ugutomboza, ibyo Imana yavuze muri Amosi 8: 11 ko azohereza inzara yo mu buryo bw'umwuka, inzara yo kumva Ijambo ryayo. Mu gihe cyacu natwe, ntacyo Imana yakoze, itabanje guhishurira Ubushake bwayo Abagaragu bayo b'abahanuzi, n'Abagaragu bayo b'intumwa (Amosi 3: 7; Abefeso 3: 5).

Hari impamvu yatumye Umwami abanza kuvuga, muri Matayo 24, ku bizaba byose, hanyuma agaherako akavuga amagambo ya ngombwa cyane ku Itorero kurusha ayandi yose (Umurongo 45-47). Umwami yavuze aya magambo n'ijwi riranguruye, kandi ashimangira. Hanyuma hakurikiraho igice ya 25: 1-12. Iyi mirongo yombi niyo mirongo nyamukuru muri bibiliya kubw'igihe turimo ubu. Ubu nibwo mu bahamagawe harimo «abanyabwenge», «n'abapfapfa». Abanyabwenge bazubaha ubukozi bwashyizweho n'Imana, barye ibyo kurya by'umwuka bitunganye, buzuzwe Umwuka Wera, kandi bashyirweho n'ikimenyetso cyawo.

Hari n'ibindi bihe nagiranye n'Umwami, aho yampamagaraga n'ijwi ritegeka ati: « Mugaragu wanjye », hagakurikiraho amabwiriza. Iteka iyo mbyibutse, ndushaho gusobanukirwa, uburemere bw'inshingano ikomeye ijyanye n'uyu murimo nahawe mu buryo butaziguye. Nanjye ndi umuntu usanzwe, wibesherezwaho n'ubuntu bw'Imana gusa. Ariko kubirebana n'umurimo, nakoze byose nk'uko Umwami yabintegetse: Ubwanjye nabwirije mu bihugu biranga 150, nabwirije ubutumwa mu isi yose binyuze ku matelevizio n'amaradio, nasemuye ibibwirizwa bya mwene Data Branham, bityo ngabura ibyokurya. N'ubwu ubu ari ikintu kizwi na bose muri rusange yuko nyuma yo gutaha kwa mwene Data Branham nagejeje ubutumwa hose ku isi, birakwiye ko byongera kuvugwa na none, kuko hariho n'abizeye vuba. Ufite Umwuka w'Ukuri niwe uzabyizera; naho ufite umwuka w'ibinyoma ntabwo azabyizera. Umuhamagaro utaziguye ujyanye n'umugambi w'agakiza, nta bandibashobora kuwakira no kuwizera usibye abari mu Bwami bw'ijuru no mu Itorero-Mugeni.

N'ubwo byumvikana ko Umuhamagaro n'umurimo byatanzwe n'Imana mu buryo butaziguye bijyana n'inshingano ikomeye kuruta izindi mu i Itorero ry'Imana, ariko na none tuzi neza ko intumwa yasabye kwirinda bene data barema ibice ku bw'inyigisho z'ibinyoma (Abaroma 16: 17). No mu gitabo cya 2 Abikorinto, naho havugwamo icyifuzo cy'intumwa cyo kuzashyira Kristo umugeni utunganye, yitotombeye ingirwa bene data ndetse abita intumwa z'ibinyoma, abakozi b'ubushukanyi biyoberanya. Mu gice cya 13, yongeye guhugura abizera: *«murusheho gutungana rwose…».*

Pawuro yandikiye Itorero ry'Abagalatiya akomeje cyane ati: *« Ariko nihagira ubabwiriza ubutumwa butari ubwo twababwirije, ari twe cyangwa ndetse marayika uvuye mu ijuru, avumwe! »*

Mu Abefeso 4 yavuze ku by'imiyaga itandukanye y'inyigisho, ayita ubushukanyi bw'abantu. Ni byo, kandi muri 2 Timoteyo 2: 16-22, yanditse ku by'imvugo z'imbura mumaro zikerensa, ziganisha iteka mu kutubaha Imana, hanyuma avuga amazina ya Humenayo na Fileto, avuga ko inyigisho bigisha, zivuga ko ukuzuka kw'abapfuye kwamaze kuba, ziryana nk'igisebe cy'umufunzo. Ese si ko bimeze n'ubu ku nyigisho zose z'ibinyoma? Kugeza kuri uyu munsi, Inyigisho y'ukuri ntabwo yigeze iteza kwirema ibice, ahubwo: umumaro w'ubukozi bwose bwashyizweho n'Imana, ni uwo kwubaka Itorero (Abefeso 4).

Pawulo yari afite inshingano, yari afite umuhamagaro, umurino, n'umutwaro yahawe mu buryo butaziguye. Kuri we, Itorero ry'Imana ryari Inkingi n'urufatiro rw'ukuri (1 Timoteyo 3:15). Yakubiye mu magembo make intego yo kubwiriza kwe, mu 1 Abikorinto 9: 1-3: *« Mbese si ndi uw'umudendezo? Si ndi intumwa? Sinabonye Umwami wacu Yesu? Namwe ntimuri umurimo wanjye mu Mwami? Niba ku bandi ntari intumwa ariko kuri mwe ndi yo, kuko mwebwe ubwanyu ari mwe kimenyetso cy'uko ndi intumwa y'Umwami. Ibi nibyo nireguza ku bandaga ».* *« Ni ko ijambo ryanjye riva mu kanwa kanjye rimeze. Ntirigaruka ubusa ahubwo risohoza ibyo nshaka, rigakora icyo naritumye »* (Yesaya 55:11).

Ese ubu n'iki kirimo kuba?

Ubu ijwi rihamagara rirarangurura rirabwira abantu bose riti: *« Umukwe araje, nimusohoke mumusanganire! ».* Ubu, ubutumwa burarangurura buti: *« Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo…»* (Ibyahishuwe 18:4). *« Nuko muve hagati yabo, mwitandukanye ni ko Uwiteka avuga; kandi ntimukore ku kintu cyose gihumanye, nanjye nzabakira. Nzababera So, namwe muzambera abahungu n'abakomwa, Ni ko Uwiteka Ushoborabyose avuga »* (2 Abakorinto 6:17-18). Ubwoko bw'Imana burimo guhabwa ibikubiye mu butumwa bw'Imana, mu gusohozwa kw'amasezerano yose ajyanye na bwo: umuhamagaro wo gusohoka, kwiyegurira Imana no kwitegura, kugeza ubwo buzagarurirwa byose koko,mbere y'uko Kristo agaruka . *« Kuko mwubatswe ku rufatiro rw'intumwa n'abahanuzi, Yesu Kristo akaba ari we buye rikomeza imfuruka »* (Abefeso 2:20)

Ariko handitswe ngo: *« … Uwo Yesu Kristo ijuru rikwiriye kwakira <u>kugeza ibihe ibintu byose bizongera gutunganirizwa,</u> nk'uko Imana yabivugiye mu kanwa k'abahanuzi bera bayo bose uhereye kera kose »* (Ibyakozwe 3:21). Ugusohozwa kw'isezerano rya Eliya riri muri Malaki 3:23, iryo Umwami wacu yahamirije muri Matayo 17:11, gufitanye nabyo isano. *« Ni ukuri ko Eliya akwiye kubanza kuza, akagarura byose akabitunganya ».* Kugira ngo ikintu cyose gishingire ku buhamya bw'abantu babiri cyangwa batatu, turasoma ibyo Umwami wacu yavuze muri Mariko 9: 12 *« Ni koko, Eliya ni we ukwiriye kubanza kuza ngo atunganye byose…».*

Uyu munsi iki cyanditswe cyasohoreye imbere y'amaso yacu, n'amatwi yacu : ingingo zose z'inyigisho nk' Ubumana, Umubatizo, Ifunguro ry'Umwami, n'ibindi byose, koko byaragaruwe bishingiye kuri bibiliya nk'uko byahoze mu itangiriro ry'Itorero.

Yohana mubatiza yari azi umurimo yahawe, ariko ubukozi bwe bwasobanuwe mu buryo burambuye, ubwo Ubutumwa bwiza uko ari bune bwandikwaga. Ni nako mwene Data Branham yari azi ubukozi bwe, n'ibyanditswe bibuvugaho. Ariko hanyuma nibwo ubu bukozi bwabashije gushyirwa mu mwanya wabwo mu buryo burambuye, mu mateka y'agakiza. Ubutumwa bwiza uko ari bune, bwabashije kwandikwa nyuma y'uko Kristo azamurwa. Ibyakozwe n'intumwa byabashije kwandikwa hanyuma y'ukoUmwuka Wera umanukiye Itorero; Inzandiko zandikiwe amatorero nyuma y'aho amaze gushingwa. Uko niko natwe byatugendekeye, twasobanukiwe neza uburemere bw'umurimo wa mwene Data Branham nyuma y'aho ushorejwe. Hanyuma nibwo twabashije gushyira ibyo yavuze byose mu mwanya wabyo muri bibiliya.

Ntawabara inshuro mwene Data Branham yavuze ko ubutumwa ari : **«Mugaruke ku Ijambo! Mugaruke ku itangiriro! Mugaruke ku nyigisho y'intumwa, ni byo, ni mugaruke ku munsi mukuru wa pentekoste! ».** Ubu, abizera by'ukuri bihuje n'ibyanditswe, ibi barabihabwa. Nk'uko twakomeje kubishimangira inshuro nyinshi, mu Itorero ry'ukuri rya Yesu Kristo, ikibwirizwa cya nyuma kigomba kuzaba gisa n'icya mbere. Umubatizo wa nyuma ugomba kuba usa n'uwa mbere. *«Umwami umwe, Ukwizera kumwe, Umubatizo umwe…»*

Ifunguro ryera ry'Umwami rya nyuma rigomba kumera nk'irya mbere, hakoreshejwe umutsima umwe n'igikombe kimwe, atari uturahuri Magana twashyizwe ku isiniya, nk'uko ariko henshi babigenza. Kubw'Itorero ry'Imana, icyitegererezo gifite agaciro ni icyakozwen'Umukiza wacu nk'uko byanditswe muri bibiliya (Matayo 26: 26-29), n'ibyabereye mu Itorero rya mbere (Ibyakozwe 2:42). Ni ko bimeze no kubyerekeye kwizihiza ifunguro ry'Umwami. Kuri iyi ngingo Pawulo yanditse ibikurikira: *« Gusangira igikombe, icyo dusabira umugisha, mbese si ko gusangira amaraso ya Kristo? Gusangira umutsima tumanyagura si ko gusangira umubiri wa Kristo? »* (1 Abakorinto 10:16). Ku iherezo, buri teraniro ry'akarere rigomba kuba nk'iryo mu itangiriro; ritwikiriwe n'imbaraga zo mu ijuru, rihuje umutima n'ubugingo, rifite ubukozi bwose, rifite umbuto z'Umwuka, n'impano z'umwuka (1 Abakorinto 12, kugeza kuri 14; Abefeso 4). Ibi bikubiye mu bigomba kugaragaza no kurangaUbutumwa bwo kugarurirwa. Amen.

Ingero z'ingirakamaro

Muri Yesaya 40 umurongo wa 3, umurimo wa Yohana Mubatiza wavuzwe ko ari: *« Nimwumve ijwi ry'urangurura ngo: Nimutunganyirize Uwiteka inzira mu butayu, mugororere Imana yacu inzira nyabagendwa »*. Ibi byabanje kuba isezerano. Amagambo akurikira afitanye isano cyane n'iyi ngingo: *« Dore nzatuma integuza yanjye izambanziriza intunganyirize inzira, »* (Malaki 3: 1a). Igihe byagombaga gusohora kigeze, isezerano ryabashije kugaragara, rifatika, rihinduka

ikintu kibonwa na bose: «Hariho umuntu watumwe n'Imana witwaga Yohana. Uwo yazanywe no guhamya iby'Umucyo, ngo atume bose bizera» (Yohana 1:6-7).

Igihe yari ageze ku gasongero k'ubukozi bwe, abamutumweho bavuye i Yerusalemu, baje kumubaza uwo ari we koko. Yavuze yeruye ati: *« Si jye Kristo »*. *« Nuko baramubaza bati: Tubwire, uri Eliya? Nawe ati: Sindi we »*. Yabasubije atyo kubera yuko bishingiye ku isezerano riri muri Malaki 3: 23, Eliya yagombaga kugaragara umunsi w'Uwiteka ukomeye kandi uteye ubwoba ugiye kugera. Abamutumweho, barongera baramubaza bati: *«Uri wa muhanuzi? Arabasubiza ati: Oya »*. Ikibazo ntabwo cyari ngo: « Uri umuhanuzi ? », ahubwo cyari ikibazo kirasa ku ntego, kubirebana n'ibyanditswe mu Gutegeka kwa kabiri 18: 15-19: *«Uri wa muhanuzi? »* (Yohana 1: 19-27).

Isezerano rivuga kuri Masiya nk'umuhanuzi ryagiraga riti: *«Nzabahagurukiriza umuhanuzi umeze nkawe ukomotse muri bene wabo, nzashyira amagambo yanjye mu kanwa ke ajye ababwira ibyo mutegetse byose. Kandi utazumvira amagambo yanjye azavuga mu izina ryanjye, nzabimuhora»* (Gutegeka kwa kabiri 18: 18-19). Yohana yari umuhanuzi, ariko ntabwo yari **wa Muhanuzi.** Yarutaga abahanuzi bo mu isezerano rya kera bahanuye iby'Umucunguzi, kubera ko we ari we wamumuritse. Ariko ntacyo yari cyo kirenze umuntu usanzwe, kandi umuto cyane mu Bwami bw'Imana yaramurutaga (Matayo 11:9-11). Ku bw'ubukozi bwe bwihariye, yashyize iteme hagati y'isezerano rya kera n'irishya; ni yo mpamvu handitswe ngo: *« Amategeko n'abahanuzi byabayeho kugeza igihe cya Yohana, uhereye icyo gihe ni ho ubutumwa bwiza bw'ubwami bw'Imana bwigishirijwe, umuntu wese arabutwaranira »* (Luka 16:16). Ku bwo gusukwa kw'Umwuka Wera, Ubwami bw'Imana bwaje mu mbaraga, Itorero ryo mu isezerano rishya rirashingwa, aba mbere baryinjiramo.

Kuri Yesu, ari we Masiya, yanditsweho ibikurikira: *« Bamwe muri rubanda bumvise ayo magambo baravuga bati: Ni ukuri uyu ni we wa muhanuzi. Abandi bati: Uyu ni we Kristo »* (Yohana 7: 40-41).

Nk'Umwana w'umuntu, Masiya ntabwo yari umuhanuzi gusa, ahubwo yari **« wa Muhanuzi »**, Umukiza **wasezeranijwe – Yesu Kristo, Umwami wacu.** Petero yari azi neza yuko ibyasezeranijwe mu byanditswe byo mu isezerano rya kera, ari we byavugagaho: *«Mose yaravuze ati: Umwami Imana izabahagurukiriza umuhanuzi muri bene wanyu, umeze nkanjye, nuko muzamwumvire mu byo azababwira byose…»* (Ibyakozwe 3:22).

Sitefano nawe yabivuzeho: *«Mose uwo ni we wabwiye Abisirayeli ati: Imana izabahagurukiriza umuhanuzi uvuye muri bene wanyu, umeze nkanjye»* (Ibyakozwe 7:37).

Mu Gutegeka kwa kabiri 18, umurongo wa 20 na 22, havugwamo umuhanuzi Imana ituma, binyuranye na **« wa Muhanuzi**». Kugira ngo herekanwe itandukaniro na **« wa Muhanuzi »**, **intege nke z'umuhanuzi zishyirwa ahagaragara, binyuranye no kudasobwa kw'Imana-Muhanuzi**: *« Ariko umuhanuzi uzahangara kwihimbira ijambo ntamutegetse kuvuga akarivuga mu izina ryanjye, cyangwa akavuga mu izina ry'izindi mana, uwo muhanuzi azapfa. Kandi niwibaza uti: Tuzamenya dute ijambo Uwiteka atavuze, umuhanuzi navuga mu izina ry'Uwiteka hanyuma icyo yavuze ntikibe, ntigisohore, icyo kizaba*

ikitavuzwe n'Uwiteka. Uwo muhanuzi azaba ahangaye kucyihimbira, ntuzamutinye » (Gutegeka Kwa kabiri 18:20-22)

Umuhanuzi w'ukuri, akomeza kuba umuhanuzi w'ukuri, n'ubwo yavuga ikintu runaka nk'umuntu, atabitegetswe n'Imana mu buryo butaziguye. Turabwirwa mu buryo bweruye igitandukanya ibyo Umwami avugiye mu muhanuzi, n'igihe umuhanuzi avuze kubwe. *«umuhanuzi navuga mu izina ry'Uwiteka hanyuma icyo yavuze ntikibe, ntigisohore, icyo kizaba ikitavuzwe n'Uwiteka»*. Iri Ijambo naryo tugomba kuryakira, tukarigenderamo nk'uko ryanditswe.

Ku itariki 18 z'ukwezi kwa mbere, mwene Data Branham yaravuze ati: **«Ndi umuntu usanzwe uzapfa, nkora amakosa. We ntashobora gupfa, ntakosa! We agomba gusohoza Ijambo rye, jyewe si ngombwa ko nsohoza iryanjye».** Nka Yohana Mubatiza, mwene Data Branham yari umuhanuzi wasezeranijwe, ariko na none yari umuntu wikundiraga kuroba, wafataga n'umwanya wo kujya guhiga. Nuko rero ubutumwa yagombaga kuzanira ubwoko bw'Imana ntabwo bwari ibyo avuze we nk'umuntu, ahubwo bwari icyo Imana ivugiye muri we.

Ugusohozwa kw'ubuhanuzi bwo muri Bibiliya mu buryo bubiri butandukanye

Reka turebe ubuhanuzi bwo muri Malaki 3:23-24 buvuga ibihe bibiri bitandukanye: *«Dore nzabohererereza umuhanuzi Eliya, umunsi w'Uwiteka ukomeye kandi uteye ubwoba utaragera. Uwo azagarura imitima ya ba se ku bana babo, n'imitima y'abana kuri ba se…»*. Mu bukozi bwa Yohana Mubatiza, icyasohorehe n'igikurikira: *«Azagarura imitima ya ba se ku bana babo»*. Ibyo nibyo marayika yabwiye se Zakariya: *«Benshi mu bisirayeli azabahindurira ku Mwami Imana yabo, azagendera imbere yayo mu mwuka n'ububasha bya Eliya, azagarura imitima ya ba se ku y'abana babo, n'abatumvira Imana azabayobora mu bwenge bw'abakiranutsi, ngo ategure ubwoko bwatunganirijwe Umwami Imana »* (Luka 1:16-17). Naho igice cya kabiri cy'ubuhanuzi bwo mur'uyu murongo wo muri Malaki 3 *«…n'imitima y'abana kuri ba se» cyo* kirimo gusohora ubu ku bw'ubu butumwa bw'igihe cyacu, mu'iki gihe cyacu kibanziriza kugaruka kwa Kristo.

Intego y'umurimo Imana yashinze umugaragu wayo, ni uwo kandi uzahora ari uwo gushyikiriza Umwami Imana ubwoko bufite imitima iboneye. Hari amagambo menshi yo mu isezerano rya kera asohora mu buryo no mu bihe bibiri bitandukanye. Muri Yesaya 61: 1-3, harimo Ijambo rizwi neza: *«Umwuka w'Umwami Imana ari kuri jye, kuko Uwiteka yansize amavuta ngo mbwirize abakene ubutumwa bwiza…»*. Muri Luka 4:18-19, Yesu yasomye iki cyanditswe, ariko ahagararira hagati y'umurongo wa kabiri, ahanditswe ngo: *«… kandi yantumye no kumenyesha abantu umwaka w'imbabazi z'Uwiteka »*. Ntabwo yashoboraga gusoma igice cya kabiri cy'uyu murongo kuko havugwa *«Umunsi wo guhoreraho inzigo»* kuko yari aje gutangiza Umunsi w'Agakiza. Iyo asoma igice cya kabiri, ntiyari kubasha kuvuga ati: *«Uyu munsi ibyo byanditswe mumaze kumva bisohoye mukibyumva mu matwi yanyu »* (Umurongo wa 21).

Muri Yoweli 3: 1-4, tuhasanga rya sezerano rihebuje: *« Hanyuma y'ibyo, nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose…»*, hagakurikiraho ugutangazwa kw'umunsi w'Uwiteka, «ukomeye kandi uteye ubwoba », igihe izuba rizahinduka umwijima, n'ukwezi kugahinduka amaraso. Ku murongo ukurikira haherako handikwa ngo: *«Nuko umuntu wese uzambaza izina ry'Uwiteka azakizwa, kuko agakiza kazaba kari ku musozi w'i Siyoni n'i Yerusalemu…»*.
Ku munsi wa Pentekoste, mu kibwirizwa cya mbere, intumwa Petero, ishingiye kur'iryo sezerano ryatanzwe muri Yoweli 2, yaranguruye ijwi rirenga ati: *« Kandi umuntu wese uzambaza izina ry'Uwiteka azakizwa »* – ariko ahagararira hagati y'uwo murongo, ntiyavuga igice cyawo gikurikira kuko kivugwamo agakiza kazabonerwa ku musozi Siyoni, n'i Yerusalemu. Ibi bizasohora ku bana b'Isirayeli (Yesaya 10: 12; Yoweli 3:15-17; Mika 4: 6-7), kugezaho ba bandi 144,000 bazagaragarira ku musozi Siyoni ku iherezo (Ibyahishuwe 14). Hari n'ikindi Petero yakoze: «Umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba», yawuhinduye «Umunsi mukuru kandi uhebuje» : *«…uwo munsi mukuru kandi uhebuje w'Uwiteka utaraza »* (Ibyakozwe 2:20). Ni byo koko, uzaba ari umunsi mukuru, kandi uhebuje ku bw'abizera. Pawulo yanditse avuga ko Umwami azasoza uwo murimo ku bw'umunsi wa Yesu Kristo (Abifilipi 1:6, 1:10). Hirya yongera kwandika ko, uhereye ubwo, abikiwe ikamba, kandi si we wenyine, ahubwo n'abandi bose bazaba barakunze kugaruka kw'Umwami (2 Timoteyo 4:8). Nuko rero, uwo munsi ku bw'abizera ni umunsi mukuru kandi uhebuje wa Yesu Kristo, niwo ntego yo kwizera kwabo, uwo kuzamurwa kwabo: *«…Mufite ijambo ry'ubugingo, kugira ngo mbone uko nzirata ku munsi wa Kristo, yuko ntirukiye ubusa kandi nkaba ntaruhijwe n'ubundi»* (Abifilipi 2:16). Naho ku bandi, uzaba ari umunsi uteye ubwoba, uzatwika nk'itanura (2 Petero 3).

Ubu, mu minsi ya nyuma, abakobanyi barabaza bati: *«Isezerano ryo kugaruka kwe riri he? »* (Mu kidage ngo: ukugaruka kwe kwasezeranijwe kuri he?). Igisubizo ni iki: *« Umwami ntatinze gusohoza isezerano rye…»* (Umurongo wa 9). Arihangana kugez'aho abanyuma bazakirizwa, bakiyongera ku mubare. Petero aravuga ku kugaruka kwasezeranijwe, akanavuga no ku « umunsi w'Umwami » : *« Ariko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'umujura, ubwo ijuru rizavaho n'umuriri ukomeye, maze iby'ishingiro byose biremeshwa bikayengeshwa no gushya cyane, isi n'imirimo iyirimo bigashirira »*, hanyuma asozesha impuguro ati: *« Ni cyo gituma bakundwa, ubwo mutegereje ibyo, mukwiriye kugira umwete wo kuzasangwa mu mahoro, mutagira ikizinga, mutariho umugayo mu maso ye »* (Umurongo wa 10+14). Ku bw'Itorero-Mugeni, ni umunsi mukuru utangaje, kuko ari bwo rizinjira mu bukwe bw'Umwana w'Intama.

Umwuka wera ni wo wonyine uyobora mu kuri kose.
Nta jambo na rimwe ry'ubuhanuzi, rikwiye gusobanurwa uko umuntu yishakiye, nyamara rishobora gusohora mu buryo bubiri butandukanye. Nk'urugero, mwene Data Branham yavuze inshuro zigera kuri 150 umurongo wo muri Zakariya 14:7: *« Ariko nibigeza nimugoroba hazaba umucyo…»* . Nyamara, ugusohozwa nyako

kw'iri jambo, kuzaba igihe Umwami azabonekera ku musozi wa Elayoni, ubwo azatangira kwima ingoma ku isi hose (Zekariya 14:4-9).

Mwene Data Branham yakoresheje inshuro 70 icyanditswe cyo mu Byahishuwe 10, agihuza n'ubukozi bwe nka marayika wa karindwi w'Itorero. Ariko ibyo ntibikuraho ibizaba igihe ijwi rya marayika wa karindwi, uvuza impanda rizarangura, nk'uko byanditswe mu Byahishuwe 11:15, nk'uko bitangazwa mu gice cya10:7. Icyo gihe nibwo « ubwiru bw'Imana » buzasohora nk'uko ubu, ku bw'ubukozi bwa mwene Data Branham, ubwiru bwose bwari bwarahishwe, uhereye mu Itangiriro, ukageza mu Byahishuwe, bwarahishuwe kandi burasohora. Ariko ku bw'umwihariko abashishikajwe bose no guhinda kurindwi kw'inkuba, bakagombye kwitondera iyi ndahiro iri mu Byahishuwe 10:6, bakanareba ibyanditswe muri Daniyeli 12:6. Ikibazo ni iki: *« Ibyo bitangaza bizagarukira he ?* », Hakurikiraho Ijambo rya ngombwa cyane : *« Mbona wa mugabo wari wambaye umwenda w'igitare wari hejuru y'amazi y'uruzi, atunga ukuboko kw'iburyo n'ukw'imoso ku ijuru, numva arahira Ihoraho iteka ryose ngo bizamara igihe n'ibihe n'igice cy'igihe kandi ati: Nibamara kumenagura imbaraga z'abera, ibyo byose bizaherako birangire* » (Umurongo wa 7). Amen. *«…arahira Ihoraho iteka ryose yaremye ijuru n'ibirimo, n'isi n'ibiyirimo n'inyanja n'ibiyirimo ati: Ntihazabaho igihe ukundi…* » (Ibyahishuwe 10: 6). Amen. Imana ishimwe ku bw'uyu murongo, uhishura icyanditswe cy'ubuhanuzi: hasigaye imyaka itatu n'igice, uhereye igihe marayika arahira, kugeza ighe Umwami azima ingoma ye (Daniyeli 7:25-27; Ibyahishuwe 11:15-19). Iyi ndahiro Daniyeli yabonye kandi yumvise, ntahandi ishobora guhuzwa neza naho nk'uko ihuje n'ibizaba byo mu Byahishuwe 10, aho Yohana arondora ibyo yabonye! Imana ishimwe Ijambo ryayo rihebuje ryanditse kandi rihishuwe, rishingiye ku magambo y'abahamya babiri cyangwa batatu.

Ni nde uhangara guhakana ko ibyanditawe mu Ibyahishuwe 10 bizasohora neza bikurikirana nk'uko byanditswe? Marayika w'isezerano azamanuka avuye mu ijuru, atwikiriwe n'igicu, yambaye ikamba ry'umukororombya, afite igitabo kibumbuye mu kiganza cye; ashyire ikirenge cye cy'iburyo ku Nyanja, n'ikirenge cye cy'ibumoso agishyira ku butaka: *« …Arangurura ijwi rirenga nk'uko intare yivuga »* (Hoseya 11:10; Yoweli 4: 15-17). Ku itariki 17 z'ukwezi kwa gatatu, 1963, mwene Data Branham yagize ati: **« Niba mwabibonye neza, ni Kristo. Mu Isezerano rya kera yitwaga Marayika w'Isezerano. Icyo gihe azaherako agane abayuda…»**

Ku itariki 28 z'ukwezi kwa kabiri, ubwo mwenedata Branham yahawe kwerekwa kwarimo imbaraga nyinshi, ubwo habonekaga igicu ndengakamere cyarimo abamarayika barindwi, bahagararanye bamwe hejuru y'abandi mu buryo bumeze nk'umutemeri, ako gace kose karimo umusozi Sunset, kanyeganyejwe n'umushyitsi no guhinda kurindwi kw'inkuba kwashoboraga kumvwa na bose. Mwene Data Branham yavuze inshuro zigera kuri mirongo itanu iby'uko guhinda kurindwi kw'inkuba; kuko kwari gukomeye cyane kuri we, kuko ari ko kwatumye akebuka ashobora kubona cya gicu ndengakamere. Ibyo byabaye mbere y'uko

abwiriza ku bimenyetso. Yabivuzeho inshuro nyinshi, kandi natwe twabyanditseho inshuro nyinshi. Ku itariki 24 z'ukwezi kwa gatatu 1963, yakubise ku ruhimbi, ashimangira imbaraga izo nkuba ndwi zari zifite. Niboneye n'amaso yanjye ibice by'urutare n'amabuye yamanyutse, akarindimuka uwo musozi, ubwo najyagayo ndi kumwe n'abandi bavuga butumwa, ku butumire bwa mwene Data Pearry Green. Icyakora, ku byerekeye Ibyahishuwe 10, mwene Data Branham yabashije kuvuga ati: **« Nk'uko ari ukuri ko ntaw'uzi igihe Umwami azazira, ni na ko ntaw'uzi ibyavuzwe n'uguhinda kurinwi kw'inkuba».** Ibyo ntabwo bireba Itorero, kandi nta kintu na kimwe cyabyanditsweho. Ibyo Itorero ryagombaga kubwirwa, bitanga ukwizera kwo kuzamurwa, byanditswe muri bibiliya, nibyo twabwirijwe.

Uwiha guhakana Ijambo ryanditswe, akavuga ko «guhinda kurindwi kw'inkuba kwahishuwe », tutibagiwe ko hariho ibyerekezo bitandukanye by'uko guhishurirwa, nk'abavuga ko ibyo ari abagabo barindwi badasanzwe bazagaragara nk'amajwi arindwi ; abandi bakavuga ko Marayika w'Isezerano yaba yaramaze kuza ku isi: ababwiriza nk'abo bayobejwe n'umwuka w'ubushukanyi. Mu gihe cy'ikimenyetso cya gatandatu, nibwo Umunsi w'Uwiteka uratangira. Izuba rizijima, ukwezi kuhinduke amaraso, inyenyeri zigwe ziva mu ijuru. Ibyanditswe byose, uhereye mu Ibyahishuwe 6, umurongo wa 12, bigomba kuzaba kandi ni ibyo mu bihe bizaza.

Ukugaraga kw'igicu

Birababaje kubera ko hashize imyaka myinshi hari ugushidikanya, ndetse no mu biyita ko bizera ubutumwa bw'iki gihe, ko itariki ya 28 z'ukwezi kwa kabiri 1963 atariwo munsi igicu ndengakamere, hamwe n'urwunge rw'abamarayika barindwi byabonekeyeho. Ibyo binyuzuza umubabaro mwinshi. Impamvu itangwa, ngo nuko igihe cyo guhiga gitangirana n'itariki ya mbere z'ukwezi kwa gatatu aho mu ntara ya Arizona ; ngo kubw'ibyo bikaba bidashoboka ko ibyo byaba byarabaye tariki 28 z'ukwezi kwa kabiri.



Ubu noneho, abakobanyi bavuguruza ibi, bahangaye no ku bikwirakwiza ku rubuga rwa interineti, bageza n'aho bandikamo inyandiko ifite umutwe mu nyuguti nini ngo: «William Branham ni umunyabinyoma ! ». Ndacyafite ibinyamakuru bitatu, nakuye muri Leta z'unze ubumwe za Amerika igihe byabaga, byanditswe kuri iryo boneka ; reka mbibereke nk'uko byanditswe icyo gihe:

SCIENCE 19 April 1963

AMERICAN ASSOCIATION FOR THE ADVANCEMENT OF SCIENCE

Stratospheric Cloud over Northern Arizona

Abstract. *An unusual ring-shaped cloud was widely observed over northern Arizona near sunset on 28 February 1963.*

Ikinyamakuru Science, tariki 19 z'ukwezi kwa kane 1963: « Igicu kidasanzwe, gifite ishusho y'uruziga, cyabonetse ku itariki ya 28 z'ukwezi kwa kabiri 1963, mbere yuko izuba rirenga, mu majyaruguru ya Arizona…»

LIFE

MAY 17 · 1963 · 25

...And a High Cloud Ring of Mystery

Hovering like a giant's smoke ring, a great cloud appeared at sunset over Flagstaff, Ariz. last Feb. 28 and set off a continuing scientific mystery. Watchers struck by the cloud's

Ikinyamakuru Life, itariki 17 z'ukwezi kwa gatanu 1963: « Igicu kinini, kimeze nk'uruziga runini cyane rw'umwotsi, cyabonetse mu kirere ku itariki ya 28 z'ukwezi kwa kabiri hejuru ya Flagstaff, Arizona, mu gihe cy'umugoroba izuba rirenga…»

THE ARIZONA REPUBLIC Sunday MARCH 26, 1967

Stratospheric Cloud over Northern Arizona

The Arizona Republic, ku cyumweru tariki ya 26 z'ukwezi kwa gatatu 1967: «Hasigaye gato izuba rikarenga, ku itariki ya 28 z'ukwezi kwa kabiri, igicu kidasanzwe, gifite ubwiza butangaje, cyaciye hejuru ya Arizona, mu majyaruguru…»

Mwene Data Branham yakunze kenshi kuvuga kuri izi nyandiko, cyane cyane iyo mu kinyamakuru cyitwa Life. Ntabwo yigeze avuguruza i tariki byabereyeho,

cyangwa ngo avuge ko icyo gicu cyarabonetse mu bihe bibiri bitandukanye. Igihe cyose yahamirizaga uko kuboneka kw'gicu, cyarimo abamarayika barindwi, nk'ikintu cyabaye rimwe. Nta mugabane mfite muri izi mpaka ziteye agahinda. Nyamara n'ikintu nsabwa gukora, kubera inshingano mfite imbere y'Imana, kumenyekanisha izi nyandiko uko ari eshatu zihamiriza iyi tariki ya 28 z'ukwezi kwa kabiri 1963.

Abakobanyi bafashe ijambo

Uhereye kera kose, abakobanyi bakunze kugaragara. Babonye interuro 13 za mwene Data Branham, cyane cyane mu bibwirizwa bitatu, byabwirijwe mu kwezi kwa karindwi n'ukwa munani 1961, bivuga ku mwaka wa 1977. Nk'uko inshuro nyinshi yakunze kuvuga mu bibwirizwa bye ku mwaka wa 1977, yibwiraga ko ukuzamurwa n'ibindi byose yari yareretswe mu mwaka wa 1933, byagombaga kuzasohora mbere y'umwaka wa 1977. Ibyo n'ibyo yibwiraga, ntabwo byari UKU NIKO UWITEKA AVUZE. Yari yarasomye mu gitabo cy'impuguke yitwa Dr. Larkin ko umwaka wa 1977 wagombaga kuba Umwaka wa mirongo irindwi wa Yubire.

Abahakanyi babonye izindi nteruro tudashaka gutindaho cyane. Nk'umuntu, mwene Data Branham yari afite ibyo yibwiraga – byari uburenganzira bwe – Ariko nubwo hari ibyo yivugiye ubwe, ntibyamubujije gukomeza kuba umuhanuzi w'ukuri, ndetse war'ufite ubukozi ndengakamere kandi budasobwa, bwari bufite umumaro wa ngombwa cyane mu mateka y'agakiza. Ntabwo dutinda na hato ku byo abakobanyi bavuga, n'ibyo umwuka w'ubushukanyi uzana muri abo biyitirira ubutumwa bw'iki gihe ; ahubwo tunezezwa n'ibyo Imana yahishuye byose, ibicishije mu muhanuzi wayo yahaye umugisha. Mwene Data Branham na none hari ibyo yibwiraga ko bizaba ku birebana n'ibimenyetso birindwi. Uhereye mu mwaka wa 1956 kugeza ku iherezo, yakunze kuvuga ku iyerekwa ry'ihema ; Ndetse inshuro 55, yavuze iby'intambwe ya gatatu y'ubukozi bwe "3ème Pull". Ku itariki ya 28 z'ukwezi kwa cumi na kumwe 1965, yaravuze ati: **« Nzongera guca muri iyi nzira na none».**

Nyamara ubwo yari mu nzira ava i Tucson agana i Jeffersonville, tariki ya 18, ukwezi kwa 12 mu mwaka wa 1965, yagize impanuka, ayikomerekeramo cyane, nyuma yaho ava mu mubiri arataha, tariki 24 z'ukwezi kwa cumi na kabiri 1965. Imana ntabwo yisubiza intumwa zayo iyo zitarasoza umurimo yazishinze. Ubuzima n'ubukozi bwa Yohana Mubatiza nabyo byarangiye mu buryo butunguranye. Icyakora, umuntu wese ufite gutinya Imana muri we, naho kwaba ari gucye, ntabwo ashobora gutera umugongo ubukozi bwa mwenedata Branham, kubera ibyo yibwiraga kandi yavuze nk'umuntu. Ubukozi bwe nta busembwa bwagize na buke. Ese ni inshuro zingahe yavuze ku nkingi y'umuriro, ku nkingi y'igicu, ku mucyo ndengakamere wamanukaga, cyane cyane mu gihe yabaga asengeraga abarwayi ? Kubirebana n'ibi, yavuze inshuro 112 kuri Marayika w'Uwiteka na Marayika w'Isezerano. Kubw'ibyo turavuga tuti: Alleluya! Amina! Uwo wamanukaga mu buryo ndengakamere marayika wa karindwi w'Itorero akiri ku isi abwiriza ubutumwa, niwe uzongera kumanuka imbona-nkubone - bihuje

n'Ibyahishuwe 10- nka Marayika w'Isezerano ; ubwo ni bwo hazasohora igice cya kabiri cy'ibyanditswe muri Malaki 3:1 kigira kiti : *« …Umwami mushaka azaduka mu rusengero rwe…Intumwa y'Isezerano…».* Ibintu byose birimo gusohora nk'uko byahanuwe n'buhanuzi buri muri bibiliya, kandi twagenewe kugarura buri kintu cyose mu mwanya wacyo, tugihuza n'ibyanditswe byera.

Abahanuzi bakomeza kuba abahanuzi, nubwo Imana hari ubwo ibareka bakagira ibyo bivugira cyangwa biringira ubwabo. Ibyo bibera kugira ngo dukomeze gucisha make, tumenye ko nabo ari abantu nk'abandi, ko icyubahiro ari icy'Imana yonyine, yo ifite ukudapfa no kudasobwa, kandi idashobora kwisubiraho ku muhamagaro yatanze.

Gusenga Imana cyangwa gusenga ibigirwamana

Binyuranye n'iby'abakobanyi bahakana ibintu ndengakamere byose byashyitse mu buzima no mu bukozi bwa mwenedata Branham; inkurikizi z'inkundarubyino zo zamuhinduye umuntu udasanzwe. Tariki ya 12 na 13 z'ukwezi kwa kane 1966, nyuma y'uko umuhanuzi ashyingurwa, ku tariki ya 11 z'ukwezi kwa kane 1966, nasabye benedata b'i Jeffersonville kwandikura ibibwirizwa bya mwenedata byari ku mfatamajwi mu dutabo, kugirango bibone uko bisemurwa mu zindi ndimi mu buryo bworoshye. Ibyo byatangiye gukorwa byitwa « Spoken Word Publications », aribyo mu rurimi rw'igifaransa « La parole parlée » « Ijambo ryatuwe ». Mwenedata Roy Borders nari nsanzwe nzi neza, wahoze ari umunyamabanga wa mwenedata Branham, niwe wari ubishinzwe. Abandi bene Data bose bari bavuye New York, Tucson, na Texas, batashye bafite ipfunwe, ngo kubera ko umuzuko wa mwenedata Branham bari bategereje kur'icyo cyumweru cya Pasika utabaye.

Iyo nyito «Ijambo ryatuwe» (Spoken word/ La parole parlée), yakomeje gukoreshwa kugeza mu myaka ya za mirongo 80. Nyuma yaho, batangiye kugira umuhanuzi ikigirwamana ku mugaragaro, maze rya jwi ryo mu Byahishuwe 10:7, barihindura guhera icyo gihe «Ijwi ry'Imana » (Voice of God/ Voix de Dieu). Guher'icyo gihe, buri jambo ryose ryavuzwe n'umuhanuzi, barihindura Ijambo ry'Imana. N'aho yavuze «a-a-a-a», uko niko byandikuwe mu dutabo, aba ari na ko bisemurwa mu zindi ndimi. Uhereye icyo gihe, inkuru umuhanuzi yabaraga zose, bazifashe nk'Ijambo ry'Imana ; gusenga umuntu bitangira ubwo. Mwenedata Branham bamuhindura «Ijwi ry'Imana», n'ibyo yavuze byose babifata ko ari Ijambo ry'Imana. Ibyo babikoze bishingikirije ku byanditswe muri 1 Abakorinto 7, aho Pawulo yongereye ibyo yatekerezaga nk'umuntu kubyo Umwami yavuze: *«Abamaze kurongorana ndabategeka, ariko si jye ahubwo ni Umwami wacu…ariko abandi bo ni jye ubabwira si Umwami wacu…*». Nubwo Pawulo yatandukanije neza icyo Umwami avuze n'icyo we ubwe yavuze, byombi byakagombye kugira agaciro k'Ijambo ry'Imana. Pawulo yatanze gusa inama, ashingiye ku bihe biruhije barimo icyo gihe: *« Ariko bene Data, ibi ni byo mvuga yuko igihe ari kigufi. Uhereye none abafite abagore bamere nk'abatabafite* » (umurongo wa 29)

William M. Branham ntabwo yari umuhanuzi gusa gusa, yari n'umuntu usanzwe nk'abandi bose. Jye ubwanjye nashikiranye na we kumara imyaka 10, navuganaga nawe kuri telephone ndi i Krefeld, twatemberanye mu modoka ye ariwe uyitwaye, twasangiye ibyokurya n'ibinyobwa, kandi nabaye n'umuhamya wiboneye akaniyumvira, iby'ubukozi bwe butigeze busobwa, haba ari mu Burayi cyangwa muri Leta zunze ubumwe z'Amerika. Na n'ubu ndacyafite inzandiko 21 mwenedata Branham yanyandikiye: urwa mbere yarwanditse ku tariki ya 11 z'ukwezi kwa 11 muri 1958, naho urwa nyuma yarwanditse ku tariki ya 30 z'ukwezi kwa 9 muri 1965. Kandi nk'uko nabyanditse kenshi mu bitabo, ubukozi bwanjye bufitanye n'ubwe isano yihariye gusumba undi muntu wese uri ku isi. Kugeza kuri uyu munsi, ntawundi mwenedata numwe wari wigera ahamya ko yahamagawe n'Imana mu buryo butaziguye, akaba yavuga umunsi n'isaha, n'aho byabereye, cyangwa se ngo avuge umurimo yaba yarahawe, cyangwa inshingano runaka nkuko ariko bimeze kuri jye, kandi bikaba byaremejwe n'umuhanuzi imbere y'abahamya babiri, tariki 3 z'ukwezi kwa 12 muri 1962.

Mbisabwe na mwenedata, nabwirije mu rusengero rwe i Jeffersonville mu gitondo na nimugoroba byo ku cyumweru tariki 2 z'ukwezi kwa 12.
Ariko rero, mugihe mu materaniro bibiliya ishyirwa ku ruhande hamaze gusomwa Ijambo ritangiza amateraniro gusa, hagakurikiraho urutonde rw'interuro zo mu bibwirizwa by'umuhanuzi, akaba arizo zisomwa gusa bazihuza n'ibyo bibwira ubwabo, sinshobora gukomeza guceceka. Ubwo mu biyitirira ubutumwa bw'igihe, nta kindi kikivugwa usibye Branham, hakumvikana gusa ngo: « Umuhanuzi yaravuze! », « Umuhanuzi yaravuze! » ; mu gihe handikwa ibitabo birimo amateka y'ubuzima bwe n'ibirondora ibiganiro bitandukanye yagize, n'ibitabo by'amashusho ye ageze kuri 340; ibi byose bigaragaza ko ari ugusenga umuntu nta kindi. Mu gihe imva ye yahinduwe ahantu ho gusurwa, hakaba hari n'ibyumba byihariye byateguwe bimurikwamo ibikoresho bisanzwe byari iby'umuhanuzi bakabigira nk'impigi, ibi rero ni ugusenga ibishushanyo. Ibi mbivuze nkomeje kubera inshingano mfite imbere y'Imana.

Uyu munsi ni wumva ijwi rye…

Mu bantu benshi bitwa ko « bizera ubutumwa bw'igihe cyacu » nta kindi kivugwa uretse ibyabaye mu gihe cy'umuhanuzi, ariko bakirengagiza ibyo Imana irimo gukora ubu. Iyo myitwarire iyobya rwose ubwoko bw'Imana. Ibyo Imana yakoze mu bihe byashize, byagize umumaro wo gutegura ibyo irimo gukora ubu. Abo bose badashobora kwizera ko nyuma y'ubukozi bwa mwene Data Branham habaye uruhererekane rw'umurimo ruganishwa ku isozwa, babiciye ku ruhande barabisuzugura. Abo bantu, nibo basohorerwaho iri Jambo ngo: *« Dore nimurebe mwa banyagasuzuguro mwe, mutangare maze murimbuke, kuko ngiye gukora umurimo mu gihe cyanyu, uwo mutazemera n'aho umuntu yawubasobanurira »* (Ibyakozwe 13: 41).

Ese n'inshuro zingahe mwene Data Branham atavuze ku bjyanye n'iki gitekerezo ati: **«Abantu bakunda kuvuga ku byo Imana yakoze mu gihe cyashize, kandi**

bakavuga ko bategereje ibyo izakora mu gihe kizaza, ariko bagaca ku ruhande rwibyo irimo gukora ubu mu gihe cyabo ! ». Kuri ibi bongeraho na none inyigisho yemeza ko ngo umuhanuzi azagaruka, agasozereza umurimo we mu ihema. Ibyo na byo ni ubushukanyi bushuka abizera. Uwemera kuguma mu byo Imana irimo gukora hagati aha, ni nawe wemera by'ukuri ibyo Imana yakoze mu gihe cyashize, kandi ni we uzasohorezwaho ibyo Umwami azakora ubwo azahagurukira gusoza umurimo we w'ubucunguzi, nk'uko yashoje umurimo wo kurema. *« Uwiteka azahaguruka nk'uko yahagurutse ku musozi wa Perasimu, azarakara nk'uko yarakariye mu kibaya cy'i Gibeyoni ngo akore umurimo we, ari wo murimo we w'inzaduka, uwo murimo we w'inzaduka utangaje azawusohoza »* (Yesaya 28: 21). *« Nuko Uwiteka Nyiringabo aravuga ati: Hasigaye igihe gito ngatigisa ijuru n'isi, n'inyanja n'ubutaka »* (Hagayi 2: 6). *«…Ijwi ryayo ryateye isi igishyitsi icyo gihe, ariko none ubu irasezeranije iti: Hasigaye rimwe ngatera isi igishyitsi, ariko si yo yonyine ahubwo n'ijuru na ryo »* (Abaheburayo 12: 26).

Imana ishimwe ku bw'umuhamagaro n'umurimo Imana yahaye umuhanuzi wasezeranijwe ku bw'igihe cyacu. Ibyo Umwami yavuze muri Matayo 10:40-41, biracyafite agaciro: *« Ubemera ni jye aba yemeye, kandi unyemera aba yemeye Iyantumye. Uwemera umuhanuzi kuko ari umuhanuzi azahabwa ingororano y'umuhanuzi…».* Imitima yacu yagaruwe ku kwizera kw'umwimerere kw'intumwa n'abahanuzi. Amen. Umugeni wa Yesu Kristo azaba Umugeni-Jambo utunganye, nk'uko umukwe nawe yari Jambo wambaye umubiri. Mwene Data Branham yeretswe yuko hari igihe cyageze, Umugeni ava akanya gato mu murongo kandi ateshuka ku njyana y'urugendo, yitwara uburyo buteye isoni, ariko hanyuma agarurwa mu murongo no ku njyana y'urugendo. Ibi nibyo birimo gusohora ubu, ku bagandukira Kristo mu buryo bwuzuye bose, we mutwe w'Itorero. *« …kandi yahawe kwambara umwenda w'igitare mwiza, urabagirana utanduye. Uwo mwenda w'igitare mwiza ni wo mirimo yo gukiranuka y'abera »* (Ibyahishuwe 19:8). *« …abari biteguye binjirana na we mu bukwe, urugi rurakingwa »* (Matayo 25:10).

Ubu nicyo gihe cya ngombwa cyane mu mateka y'agakiza.

Iki ni igihe cyo kugira umugabane mu byo Imana irimo gukora mu gihe cyacu, no gusobanukirwa ibintu byose mu buryo bwiza (Matayo 13:51). Icya ngombwa cyane ni ugushyira ubuhanuzi bwa bibiliya bwo mu isezerano rya kera mu mwanya wabwo, hamwe no gusohozwa kwabwo mu isezerano rishya. Mu isezerano rishya harimo interuro zirenga 800 zo mu isezerano rya kera ; muri zo harimo 186 zo muri zaburi. Imigani 40 muri 52 yavuzwe n'Umwami wacu ku by'Ubwami bw'Imana. 7 yo muri iyo migami iri muri Matayo 13. Umwami yabajije intumwa ze ati: *« Ayo magambo yose aho mwayasobanukiwe? Baramusubiza bati: Yee ».* Ubwo nibwo yababwiye ko ari abanyamugisha: *« Amaso yanyu arahirwa kuko abona, n'amatwi kuko yumva! Ndababwiza ukuri yuko abahanuzi benshi n'abakiranutsi bifuje kubona ibyo mubona…».* Nk'uko byari bimeze mu gihe cyo kuza kwa mbere kwa Kristo, ni ko bimeze n'ubu mbere y'uko agaruka: *«Maze arababwira ati: Aya ni amagambo nababwiraga nkiri kumwe namwe, y'uko*

ibyanditswe kuri jye byose mu mategeko ya Mose, mu byahanuwe no muri Zaburi bikwiriye gusohora» (Luka 24 :44-45). Na n'ubu nako biri ; ibyasezeranijwe itorero byose bigomba gusohora. Hahirwa amaso abibona, amatwi abyumva, n'imitima ibyizera. Amina.

Ibigomba kuba mu bihe bya nyuma mu Burasirazuba bwo hagati, nk'uko bigaragazwa n'ubuhanuzi bwo muri Bibilia.

Nyuma y'imishyikirano imaze imyaka makumyabiri hagati ya Isirayeli na Vatikani, cya cyumba cyo ku musozi Siyoni cyabereyemo ifunguro rya nyuma, ndetse ari naho hamanukiye Umwuka wera bwa mbere, kigiye kwegurirwa umuryango w'Abafransiskani b'abagaturika. Uhereye mu 1948, icyo cyumba cyagengwaga na Leta ya Isirayeli, yagifataga nk'inzu ndagamuco kitagombaga gukorerwamo imihango ya kidini iyo ari yo yose. Mu bihe biri imbere, kiliziya gaturika irashaka kuzajya igisomeramo misa. Abasilamu nabo, nibo bagenga umusozi w'Urusengero, ari ho hari umusigiti witwa Al-Aqsa, n'uwundi witwa « Umutemeri w'Urutare » (Dôme du Rocher). Umuryango w'Abafransiskani, ni ukuvuga kiliziya Gaturika, niyo yeguriwe umusozi Siyoni – Imana ishimwe kuko ari iby'igihe gito. Ibyanditse mu Byanditswe byera, ubu byamaze kwemerwa rwose n'ubutegetsi, ndetse ubu ni bimwe mu makuru ashyushe yandikwa mu binyamakuru.

Haba mu rwego rwa politiki, urwa kidini cyangwa urw'bukungu: bose barashaka kugira uruhare mu byemezo bifatirwa Isirayeli na Yerusalemu, ariko birazwi neza ko indunduro ya byose ari imishyikirano igiranwa na Vatikani. Dushingiye ku makuru avugwa ubu, turabona ko amahoro n'umutekano byavuzwe na Pawulo mu buryo bw'ubuhanuzi biri ku muryango. *« Ubwo bazaba bavuga bati: Ni amahoro n'umutekano, ni bwo kurimbuka kuzabatungura nk'uko ibise bitungura umugore utwite kandi ntibazabasha kubikira na hato »* (1 Abatesalonika 5:3).

Kandi byavuzwe mbere yuko umutware w'isi wa nyuma, uhuriwemo n'ubutware bw'isi bwa politike n'ubwa kidini, azahirwa n'ibyo azakora akoresheje amagambo oryoheye amatwi, kandi ko azajyana Isirayeli kurimburwa: *« Imbaraga ze zizaba zikomeye, ariko ntizizaba ari ize ubwe. Azarimbura bitangaje, azabasha ibyo yagambiriye, azarimbura abakomeye n'ubwoko bw'abera. Azagira imigambi*

ikomeye izatuma abashishwa byose n'uburyarya, kandi azishyira hejuru mu mutima we, azarimbura benshi bibereye mu mahoro, ndetse azahaguruka kurwanya Umwami w'abami. Ariko azavunagurika ntaw'umukozeho » (Daniyeli. 8 :24-25). Ibi bintu bibiri bibera icyarimwe: Imishyikirano y'amahoro ishingiye ku madini, no guhangana mu buryo bw'intambara.

Yerusalemu izasongwa impande zose. Umuhanuzi Danyeli yarahanuye ati: *«…Maze abantu b'umutware uzaza bazarimbura umurwa n'ubuturo bwera, uwo iherezo rye rizaba nk'utembanywe n'umwuzure w'amazi ; byategetswe ko intambara n'ibyago bizakomeza bikageza ku iherezo ry'intambara»* (Daniyeli 9: 26). Icyakora, Yesu Kristo azavuga ijambo rya nyuma, ahamirize Isezerano yagiranye n'ubwoko bw'Isirayeli. Icyo gihe nibwo ijambo ryanditswe muri Yoweli 4:16-17 rizasohora: *« Uwiteka azivuga ari i Siyoni, arangurure ijwi ari i Yerusalemu. Ijuru n'isi bizatigita, ariko Uwiteka azabera ubwoko bwe ubuhungiro, abere Abisirayeli igihome ».*

N'ubwo atari ko biboneka, amasezerano agomba kugiranwa n'Isirayeli, no kuzamurwa kw'Itorero, biregereje cyane, kandi Umwami n'Umukiza wacu aratubwira ashimangira ati: *«Nimubona ibi byose, muzamenye ko igihe kiri bugufi! »*. Turabibona, turabyumva, turabizi. Iki ni cyo gihe: Igihe cy'Ubuntu ku banyamahanga kirimo kiragana ku iherezo ryacyo, kandi Ukugaruka kw'Umwami kuri bugufi, bugufi cyane.

Hahirwa amaso abibona, hahirwa amatwi abyumva, hahirwa abiteguriye kugira ngo bazamurwe bajye mu birori by'ubukwe bw'Umwana w'Intama. Mu 1981, Umwami wo kwiringirwa yanshoboje kubona no gusogongera izamurwa. Ibi byose bizaba impamo: ukuzuka, uguhindurwa kw'imibiri yacu, ukuzamurwa, ifunguro ry'ubukwe bw'Umwana w'intama. *«…Ibyo ijisho ritigeze kureba, n'ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, ibyo byose Imana yabiteguriye abayikunda »* (1Abikorinto 2: 9). Umwuka n'Umugeni baragira bati: « Ngwino ! »

Ukora atumwe n'Imana.



Niba mukeneye kohererezwa udutabo twandika (brochures), mushobora kutwandikira mubisaba ahakurikira:
Mission Center of the Spoken Word
B.P 3325 Kigali - Rwanda
Telephone: +250 788467723, +250 788415835

Mushobora no gukurikira amateraniro yacu ya buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi, mukoresheje umuyoboro wa interineti: ku wa gatandatu saa moya n'igice nimugoroba, no ku cyumweru saa ine za mugitondo. Ayo materaniro

asakazwa mu isi yose mu ndimi 13 zinyuranye. Nimugire uruhare mu byo Imana irimo gukora ubu bijyanye n'umugambi wayo w'agakiza !
Page web: http://www.freie-volksmission.de/?lang=3&site=news
E-mail: volksmission@gmx.de ou
E.Frank@freie-volksmission.de

Ku itariki ya 7 z'ukwezi kwa karindwi 2013, bene Data Miskys na Hamestuk, bafashe iyi shusho bari mu ndege, umwe yarayitwaye, undi afata amashusho. Nta kindi twakora usibye gushima. Uhereye ku itangiriro, Imana ishobora byose niyo yitwararitse buri kintu. Iyi nyubako y'amateraniro yoroheje yatashywe kuri Pasika 1974. Mu myaka ya za mirongo irindwi, bose muri Amerika bari biteze ko ukuzamurwa kuba muri 1977, bavuga ndetse ko azaba ari iherezo rya byose. Ariko tariki 18 z'ukwezi kwa Karindwi 1976 nimugoroba, ubwo nacaga ahari inguni y'inyubako y'amateraniro, Umwami yarambwiye ati: « Genda mu kibanza muhana imbibi, ukinyegurire ! ». Uko niko muri 1977 na 1978 twatashye inyubako ebyiri zirimo ibiro n'aho gucumbikira abantu. Hashize ikindi gihe twatashye inyubako irimo icapiro, n'ububiko, n'aho abohererereza bene Data ku isi hose ibitabo na za DVD z'ubutumwa bakorera. Mu buryo bwose na muri byose, Imana y'itwararitse byose, kimwe n'ibyo gusemura mu ndimi zitandukanye, niby' ikorana buhanga. Biturutse hano, isi yose ishobora guhabwa ibyokurya by'Umwuka. Dufite n'ishimwe ryihariye, kubera ko amateraniro ageze kuri 1200, n'abandi bateranira hamwe mu ngo, babasha gukurikira, kureba no kumva amateraniro abera hano buri

cyumweru cya mbere cy'ukwezi, mu ndimi 13 zisakazwa ku murongo wa internet. Umumaro ibi bifite mu bihugu birenga 80, ni munini cyane.